# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup*

## A. *Itegeko Ngenga /Organic Law /Loi Organique*

**N° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016**
Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta. …………………….........3
**Nº 001/2016/OL of 20/04/2016**
Organic Law establishing general provisions governing public institutions…………………...3
**N° 001/2016/OL du 20/04/2016**
Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics……………3

## B. *Itegeko / Law /Loi*

**Nº 004/2016 ryo ku wa 30/03/2016**
Itegeko rikuraho Itegeko nº53/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe itwara rusange ry'abantu (ONATRACOM) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo……………………………………………………………………...23
**Nº 004/2016 of 30/03/2016**
Law repealing Law n°53/2013 of 28/06/2013 establishing the National Public Transport Authority (ONATRACOM) and determining its mission, organisation and functioning……23
**Nº 004/2016 du 30/03/2016**
Loi portant abrogation de la Loi nº 53/2013 du 28/06/2013 portant création de l'Office National des Transports en Commun (ONATRACOM) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement……………………………………………………………………...23

## C. *Iteka rya Perezida/Presidential Order/Arrêté Présidentiel*

**N° 002/01 ryo ku wa 27/04/2016**
Iteka rya Perezida rigena imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka buri ahantu hihariye mu by'ubukungu (SEZ). …………………………………………………………………28
**Nº 002/01 of 27/04/2016**
Presidential Order determining the management and use of land in Special Economic Zones (SEZ) ……………………………………………………………………………...28
**Nº 002/01 du 27/04/2016**
Arrêté Présidentiel portant gestion et utilisation des terres en Zones Economiques Spéciales (SEZ)……………………………………………………………………………28

## D. *Iteka rya Minisitiri w'Intebe/ /Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre*

**N° 115/03 ryo ku wa 08/04/2016**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Umuyobozi (**KABANDANA Maurice**). ……………54
**N° 115/03 of 08/04/2016**
Prime Minister's Order Appointing a Director………………………………………………54
**N° 115/03 du 08/04/2016**
Arrêté du Premier Ministre portant nomination d'un Directeur. ……………………………...54

## E. ***Amateka ya ba Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels***

**N°008/2016 ryo ku wa 27/04/2016**
Iteka rya Minisitiri ryemerera *African Leadership University (ALU)* gutangira gukora............58
**Nº008/2016 of 27/04/2016**
Ministerial Order granting accreditation to African Leadership University (ALU)................58
**N°008/2016 du 27/04/2016**
Arrêté Ministériel accordant accréditation à *African Leadership University (ALU)*.................58

**Nº003/16/10/TC ryo ku wa 19/04/2016**
Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gusaba no guhabwa ibigenerwa abiteganyirije mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe.......................................................................................62
**Nº003/16/10/TC of 19/04/2016**
Ministerial Order determining procedures for application and mode of payment of benefits under mandatory pension scheme...........................................................................................62
**N°003/16/10/TC du 19/04/2016**
Arrêté Ministériel portant détermination des modalités de demande et de paiement des prestations sous le régime de pension obligatoire.....................................................................62

**Nº004/16/10/TC ryo ku wa 19/04/2016**
Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe..........................................................................................................................76
**Nº004/16/10/TC of 19/04/2016**
Ministerial Order determining modalities of registration with mandatory pension scheme.....76
**Nº 004/16/10/TC du 19/04/2016**
Arrêté Ministériel déterminant les modalités d'enregistrement au régime de pension obligatoire……………………………………………………………………………….....76

**F. URUBANZA**…………………………………………………………………...86

**ITEGEKO NGENGA N°001/2016/OL RYO KU WA 20/04/2016 RISHYIRAHO AMATEGEKO RUSANGE AGENGA IBIGO BYA LETA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**ngingo ya 4: Ibyiciro by'ibigo bya Leta**

**Ingingo ya 5: Ishyirwaho n'ivanwaho ry'ikigo cya Leta**

**Ingingo ya 6: Inzego z'ikigo cya Leta**

**Ingingo ya 7: Urwego rureberera ikigo cya Leta**

**Ingingo ya 8: Amasezerano y'imihigo**

**Ingingo ya 9: Abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi**

**ORGANIC LAW Nº001/2016/OL OF 20/04/2016 ESTABLISHING GENERAL PROVISIONS GOVERNING PUBLIC INSTITUTIONS**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

**Article 2: Scope of this Organic Law**

**Article 3: Definitions of terms**

**Article 4: Categories of public institutions**

**Article 5: Establishment and dissolution of a public institution**

**Article 6: Organs of a public institution**

**Article 7: Supervising authority of a public institution**

**Article 8: Performance contract**

**Article 9: Members of the Board of Directors**

**LOI ORGANIQUE N°001/2016/OL DU 20/04/2016 PORTANT DISPOSITIONS GENERALES REGISSANT LES ETABLISSEMENTS PUBLICS**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi organique**

**Article 2: Champ d'application de la présente loi organique**

**Article 3 : Définitions des termes**

**Article 4: Catégories des établissements publics**

**Article 5: Création et dissolution de l'établissement public**

**Article 6: Organes d'un établissement public**

**Article 7: Autorité de tutelle d'un établissement public**

**Article 8: Contrat de performance**

**Article 9: Membres du Conseil d'Administration**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Inshingano z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 10: Responsibilities of the Board of Directors** | **Article 10: Attributions du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 11: Ibigenerwa abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **Article 11: Sitting allowance of members of the Board of Directors** | **Article 11: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 12: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 12: Incompatibilities with membership of the Board of Directors** | **Article 12: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 13: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rw'ikigo cya Leta** | **Article 13: Members of the Executive Organ of a public institution** | **Article 13: Membres de l'Organe Exécutif d'un établissement public** |
| **Ingingo ya 14: Sitati igenga abakozi b'ikigo cya Leta** | **Article 14: Statutes governing the staff of a public institution** | **Article 14: Statut du personnel d'un établissement public** |
| **Ingingo ya 15: Uburyo bw'imikorere bushimangira imiyoborere myiza y'ibigo bya Leta** | **Article 15: Mechanisms for improvement of corporate governance in public institutions** | **Article 15: Mécanismes pour une meilleure gouvernance des établissements publics** |
| **Ingingo ya 16: Ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'umutungo n'imicungire y'abakozi** | **Article 16: Financial and human resource management audit** | **Article 16: Audit financier et de gestion des ressources humaines** |
| **UMUTWE WA II: IBIGO BYA LETA BIKORA IMIRIMO ITARI IY'UBUCURUZI** | **CHAPTER II: NON-COMMERCIAL PUBLIC INSTITUTIONS** | **CHAPITRE II: ETABLISSEMENTS PUBLICS A CARACTERE NON COMMERCIAL** |
| **Ingingo ya 17: Ibiranga ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi** | **Article 17: Features of a non-commercial public institution** | **Article 17: Caractéristiques d'un établissement public à caractère non commercial** |
| **Ingingo ya 18: Imiterere, imikorere n'inshingano by'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi** | **Article 18: Organization, functioning and mission of the non-commercial public institution** | **Article 18: Organisation, fonctionnement et mission d'un établissement public à caractère non commercial** |
| **Ingingo ya 19: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi** | **Article 19: Salaries and other fringe benefits for the staff of a non-commercial public institution** | **Article 19: Salaires et autres avantages accordés au personnel d'un établissement public à caractère non commercial** |

**Ingingo ya 20: Ingengo y'Imari y'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi**

**UMUTWE WA III: IBIGO BYA LETA BIKORA IMIRIMO Y'UBUCURUZI**

**Ingingo ya 21: Ibiranga ibigo bya Leta bikora imirimo y'ubucuruzi**

**Ingingo ya 22: Imiterere n'imikorere by'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

**Ingingo ya 23: Inshingano yo gukora imirimo y'ubucuruzi buteza imbere imibereho myiza y'abaturage**

**Ingingo ya 24: Ububasha bw'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

**Ingingo ya 25: Ingengo y'imari y'umwaka y'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

**Ingingo ya 26: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

**UMUTWE WA IV: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 27: Igihe cy'inzibacyuho**

**Ingingo ya 28: Ibigo Leta ishoramo imari bitagengwa n'iri tegeko ngenga**

**Article 20: Budget of a non-commercial public institution**

**CHAPTER III: COMMERCIAL PUBLIC INSTITUTIONS**

**Article 21: Features of commercial public institutions**

**Article 22: Organisation and functioning of a commercial public institution**

**Article 23: Mission to carry out business activities to promote social welfare**

**Article 24: Powers of a commercial public institution**

**Article 25: Annual budget of a commercial public institution**

**Article 26: Salaries and other fringe benefits for staff of a commercial public institution**

**CHAPTER IV: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 27: Transitional period**

**Article 28: Government-financed institutions falling out of the scope of this Organic Law**

**Article 20: Budget d'un établissement public à caractère non commercial**

**CHAPITRE III: ETABLISSEMENTS PUBLICS A CARACTERE COMMERCIAL**

**Article 21: Caractéristiques des établissements publics à caractère commercial**

**Article 22: Organisation et fonctionnement de l'établissement public à caractère commercial**

**Article 23: Mission commerciale en vue de la promotion du bien-être social**

**Article 24: Pouvoirs d'un établissement public à caractère commercial**

**Article 25 : Budget annuel de l'établissement public à caractère commercial**

**Article 26: Salaires et autres avantages accordés au personnel d'un établissement public à caractère commercial**

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES**

**Article 27: Période transitoire**

**Article 28: Etablissements financés par l'Etat auxquels la présente loi organique n'est pas applicable**

**<u>Ingingo ya 29:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by' iri tegeko ngenga**

**<u>Ingingo ya 30:</u> Ivanwaho ry'itegeko ngenga n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

**<u>Ingingo ya 31:</u> Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

**<u>Article 29</u>: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

**<u>Article 30:</u> Repealing provision**

**<u>Article 31:</u> Commencement**

**<u>Article 29:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

**<u>Article 30:</u> Disposition abrogatoire**

**<u>Article 31:</u> Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NGENGA N° 001/2016/OL RYO KU WA 20/04/2016 RISHYIRAHO AMATEGEKO RUSANGE AGENGA IBIGO BYA LETA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'URWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 24 Gashyantare 2016;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 09 Werurwe 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 85; iya 87, iya 88, iya 90, iya 91, iya 94, iya 106, iya 120, iya 139 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo ku wa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**YEMEJE:**

**ORGANIC LAW Nº001/2016/OL OF 20/04/2016 ESTABLISHING GENERAL PROVISIONS GOVERNING PUBLIC INSTITUTIONS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 24 February 2016;

The Senate, in its session of 09 March 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 85, 87, 88, 90,91, 94, 106, 120, 139 and 176;

Having reviewed Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions as modified and complemented to date;

**ADOPTS:**

**LOI ORGANIQUE N°001/2016/OL DU 20/04/2016 PORTANT DISPOSITIONS GENERALES REGISSANT LES ETABLISSEMENTS PUBLICS**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 24 février 2016;

Le Sénat, en sa séance du 09 mars 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 85, 87, 88, 90, 91, 94, 106, 120, 139 et 176 ;

Revu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux Etablissements Publics telle que modifiée et complétée à ce jour ;

**ADOPTE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

Iri tegeko ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta.

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko ngenga**

Iri tegeko ngenga rireba ibigo bya Leta muri rusange.

Icyakora, iri tegeko ngenga ntirireba Komisiyo z'Igihugu, Inama z'Igihugu n'Inzego zihariye ziteganywa n'Itegeko Nshinga. Ntirireba kandi ibigo Leta ishoramo imari bigengwa n'itegeko ryerekeye amasosiyeti y'ubucuruzi.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko ngenga, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **ikigo cya Leta:** ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi cyangwa gikora imirimo itari iy'ubucuruzi, gifite ubuzima gatozi n'ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'umutungo kandi gishyirwaho n'itegeko ryihariye;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

This Organic Law establishes general provisions governing public institutions.

**Article 2: Scope of this Organic Law**

This Organic Law applies to public institutions in general.

However, this Organic Law shall neither apply to National Commissions, National Councils and Specialized Organs provided for by the Constitution nor to Government-financed enterprises governed by the Law relating to companies.

**Article 3: Definitions of terms**

For purposes of this Organic Law, the following terms have the following meanings:

1° **public institution:** Government-owned commercial or non- commercial institution which is endowed with legal personality and financial and administrative autonomy and established by a specific law;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi organique**

La présente loi organique porte dispositions générales régissant les établissements publics.

**Article 2: Champ d'application de la présente loi organique**

La présente loi organique s'applique aux établissements publics en général.

Toutefois, la présente loi organique ne s'applique pas aux Commissions Nationales, Conseils Nationaux ainsi qu'aux Organes Spécialisés prévus par la Constitution. Elle ne s'applique pas non plus aux entreprises financées par l'Etat et régies par la Loi relative aux sociétés commerciales.

**Article 3 : Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi organique, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **établissement public :** établissement à caractère commercial ou non commercial appartenant à l'Etat doté de la personnalité juridique et de l'autonomie de gestion financière et administrative et créé par une loi spécifique;

2° **ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi:** ikigo cya Leta gihabwa na Leta ingengo y'imari ya buri mwaka kugira ngo gikore imirimo cyagenewe mu nyungu rusange kandi kigendera ku mategeko rusange agenga imikorere n'imicungire y'inzego z'imirimo za Leta;

3° **ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**: ikigo cya Leta gihabwa na Leta imari shingiro kugira ngo gikore imirimo y'ubucuruzi mu nyungu rusange, kikaba kigenerwa ingengo y'imari na Leta mu gihe giciriritse kigenwa mu itegeko ryihariye rigishyiraho kandi nyuma y'icyo gihe kikaba kigomba kwihaza mu ngengo y'imari no gusagurira Isanduku ya Leta;

4° **uburyozwe bugarukira ku ngwate ya Leta:** uburyo bufasha ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi kwitabaza ingwate ikomoka ku mutungo wa Leta iyo hari ibyo kiryozwa mu gihe cyasheshwe cyangwa cyahombye;

**5° Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi:** urwego rukuru rushinzwe gufata ibyemezo bijyanye n'umurongo ikigo cya Leta kigenderaho no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo;

2° **non-commercial public institution:** Government-owned institution run under annual Government budget provided in order to provide services assigned to it for purposes of general interest and governed by the general legal provisions governing the functioning and management of public service;

3° **commercial public institution:** Government-owned institution to which the State allocates the share capital to provide business-oriented services for purposes of general interest and which benefits from mid-term period State budget allocations as determined in a specific law on its establishment and which is required to sustain its budget and feed the State Treasury upon expiry of that period;

4° **liability limited by Government guarantee:** mechanisms enabling a commercial public institution to seek Government's guarantee in the event of its dissolution or bankruptcy;

5° **Board of Directors**: a supreme organ responsible for taking decisions related to the guiding principles of a public institution and ensuring the implementation of the decisions taken;

2° **établissement public à caractère non commercial:** établissement fonctionnant sur un budget fourni par l'Etat chaque année pour fournir les services qui lui sont assignés à des fins d'intérêt général et régi par les dispositions légales générales régissant le fonctionnement et la gestion de la fonction publique;

3° **établissement public à caractère commercial** : établissement appartenant à l'Etat auquel l'Etat pourvoit un capital social pour rendre des services publics à caractère commercial dans l'intérêt général et qui bénéficie des allocations budgétaires de l'Etat pour une période à moyen terme déterminée dans une loi spécifique portant sa création et qui, à la fin de cette période, doit financer entièrement son budget et alimenter le Trésor Public;

4° **responsabilité limitée par la garantie de l'Etat:** moyen permettant à un établissement public à caractère commercial de jouir de la garantie de l'Etat quant à sa responsabilité en cas de dissolution ou de faillite ;

5° **Conseil d'Administration :** organe suprême chargé de prendre les décisions relatives à la ligne directrice d'un établissement public et d'en assurer la mise en œuvre ;

6° **Urwego Nshingwabikorwa**: Urwego rushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano za buri munsi z'ikigo cya Leta.

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'ibigo bya Leta**

Ibigo bya Leta biri mu byiciro bibiri (2) bikurikira:

1 º ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi;

2 º ibigo bya Leta bikora imirimo y'ubucuruzi.

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta rigena icyiciro ikigo cya Leta giherereyemo.

**Ingingo ya 5: Ishyirwaho n'ivanwaho ry'ikigo cya Leta**

Ikigo cya Leta gishyirwaho kandi kikavanwaho n'itegeko.

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta rigena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

**Ingingo ya 6: Inzego z'ikigo cya Leta**

Inzego z'ikigo cya Leta ni izi zikurikira:

1 º Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi;

6° **Executive Organ**: an organ responsible for the execution of the daily responsibilities of a public institution.

**Article 4: Categories of public institutions**

Public institutions are divided into the following two (2) categories:

1 º non-commercial public institutions;

2 º commercial public institutions.

A Law establishing a public institution determines its category.

**Article 5: Establishment and dissolution of a public institution**

A public institution is established and dissolved by a law.

A Law establishing a public institution determines its mission, organization and functioning.

**Article 6: Organs of a public institution**

Organs of a public institution are the following:

1° the Board of Directors;

6° **Organe exécutif** : organe chargé de la mise en application des activités quotidiennes d'un établissement public.

**Article 4: Catégories des établissements publics**

Les établissements publics sont répartis en deux (2) catégories suivantes :

1 º établissements publics à caractère non commercial;

2 º établissements publics à caractère commercial.

La loi portant création de l'établissement public détermine sa catégorie.

**Article 5: Création et dissolution de l'établissement public**

Un établissement public est créé et dissous par une loi.

Une loi portant création d'un établissement public détermine sa mission, son organisation et son fonctionnement.

**Article 6: Organes d'un établissement public**

Les organes d'un établissement public sont les suivants:

1° le Conseil d'Administration;

2 º Urwego Nshingwabikorwa.

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta rishobora kugena izindi nzego z'ikigo cya Leta igihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 7: Urwego rureberera ikigo cya Leta**

Buri kigo cya Leta kigira urwego rukireberera.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera ikigo cya Leta.

**Ingingo ya 8: Amasezerano y'imihigo**

Ibigo bya Leta byose bigomba gukorera ku masezerano y'imihigo.

Uburyo bwo guhiga no gusuzuma imikorere y'ibigo bya Leta bugenwa n'itegeko.

**Ingingo ya 9: Abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi**

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta riteganya uburyo abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi barimo Perezida na Visi Perezida bashyirwaho. Riteganya kandi umubare, imikorere, ububasha n'inshingano byabo.

2° the Executive organ.

A Law establishing a public institution may determine other organs of the public institution if considered necessary.

**Article 7: Supervising authority of a public institution**

Every public institution has a supervising organ.

An Order of the Prime Minister determines the supervising organ of a public institution.

**Article 8: Performance contract**

All public institutions must operate on the basis of performance contracts.

A Law determines modalities for conclusion and evaluation of performance contracts of public institutions.

**Article 9: Members of the Board of Directors**

A Law establishing a public institution provides for modalities of appointment of members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. It also provides for their number, modalities for the discharge of their functions, powers and duties.

2° l'Organe Exécutif.

Une loi portant création d'un établissement public peut déterminer d'autres organes de l'établissement public en cas de besoin.

**Article 7: Autorité de tutelle d'un établissement public**

Chaque établissement public a une autorité de tutelle.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'autorité de tutelle d'un établissement public.

**Article 8: Contrat de performance**

Tous les établissements publics doivent fonctionner sur base de contrats de performance.

Une loi détermine les modalités de conclusion et d'évaluation des contrats de performance des établissements publics.

**Article 9: Membres du Conseil d'Administration**

Une loi portant création d'un établissement public prévoit les modalités de nomination des membres du Conseil d'Administration, dont le Président et le Vice-Président. Elle prévoit également leur nombre, les modalités d'exercice de leurs fonctions, leur compétence et leurs attributions.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rw'ikigo cya Leta bagomba kuba ari abagore.

**Ingingo ya 10: Inshingano z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi**

Inshingano nyamukuru z'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rw'ikigo cya Leta ni izi zikurikira:

1 º gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa bw'Ikigo cya Leta no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n'Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuza inshingano zarwo;

2 º kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa hamwe na raporo zijyana na byo;

3 º gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera ikigo cya Leta;

4 º kwemeza amabwiriza ngengamikorere hamwe n'amategeko ngengamikorere y'ikigo cya Leta;

5 º kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'ikigo cya Leta no gukurikirana ikoreshwa ry'ingengo y'imari n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

At least thirty percent (30%) of members of the Board of Directors of a public institution must be females.

**Article 10: Responsibilities of the Board of Directors**

The main responsibilities of the Board of Directors of a public institution are as follows:

1 º to oversee the functioning of the Executive Organ of a public institution and to provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in fulfillment of its mandate;

2 º to approve long term strategic plans and action plans of the institution and related reports;

3 º to conclude a performance contract with the supervising authority of the public institution;

4 º to approve the procedures manual and internal rules and regulations of the public institution;

5 º to approve the draft budget proposal of the public institution and to monitor the use of budget and its execution;

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration d'un établissement public doivent être de sexe féminin.

**Article 10: Attributions du Conseil d'Administration**

Les principales attributions du Conseil d'Administration d'un établissement public sont les suivantes:

1 º superviser le fonctionnement de l'Organe Exécutif de l'établissement public et fournir une orientation stratégique devant être suivie par l'Organe Exécutif dans l'accomplissement de sa mission;

2 º approuver les plans stratégiques et les plans d'action de l'établissement et les rapports y relatifs;

3 º conclure le contrat de performance avec l'organe de tutelle de l'établissement public;

4 º approuver le manuel des procédures et le règlement d'ordre intérieur de l'établissement public;

5 º approuver l'avant-projet de budget de l'établissement public et assurer le suivi de l'utilisation et de l'exécution du budget;

6 º gufata icyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano z'ikigo cya Leta.

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta rishobora kugena izindi nshingano.

**Ingingo ya 11: Ibigenerwa abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama.

**Ingingo ya 12: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi**

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta riteganya ingingo yerekeye ibitabangikanywa no kuba mu Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.

**Ingingo ya 13: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rw'ikigo cya Leta**

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta riteganya uburyo abagize Urwego Nshingwabikorwa rw'ikigo bashyirwaho. Riteganya kandi ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Urwego Nshingwabikorwa rw'ikigo cya Leta.

6 º to take decisions on all critical matters under the mission of the public institution.

A Law establishing a public institution may determine additional responsibilities.

**Article 11: Sitting allowance of members of the Board of Directors**

A Presidential Order determines the sitting allowance of members of the Board of Directors.

**Article 12: Incompatibilities with membership of the Board of Directors**

A Law establishing a public institution provides for a provision relating to incompatibilities with membership of the Board of Directors.

**Article 13: Members of the Executive Organ of a public institution**

A Law establishing a public institution determines modalities for appointment of members of the Executive Organ of the institution. It also determines the powers, responsibilities and modalities for the performance of duties of members of the Executive Organ of the public institution.

6 º prendre les décisions sur tous les sujets cruciaux relevant de la mission de l'établissement public.

Une loi portant création d'un établissement public peut déterminer d'autres attributions.

**Article 11: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration**

Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration.

**Article 12: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration**

Une loi portant création d'un établissement public prévoit une disposition relative aux incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration.

**Article 13: Membres de l'Organe Exécutif d'un établissement public**

Une loi portant création d'un établissement public détermine les modalités de nomination des membres de l'Organe Exécutif de l'établissement. Elle détermine également les pouvoirs, les attributions et les modalités d'exercice des fonctions des membres de l'Organe Exécutif de l'établissement public.

**<u>Ingingo ya 14:</u> Sitati igenga abakozi b'ikigo cya Leta**

Abakozi ba Leta bakorera ibigo bya Leta bagengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta rishobora guteganya ko hashyirwaho sitati yihariye igenga abakozi b'ikigo cya Leta hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko**.**

**<u>Ingingo ya 15</u>: Uburyo bw'imikorere bushimangira imiyoborere myiza y'ibigo bya Leta**

Mu kuzuza inshingano zacyo, ikigo cya Leta kigomba gushyiraho uburyo bw'imikorere n'imikoranire mu nzego zacyo zose, ku buryo buri rwego rubazwa ibijyanye n'inshingano zarwo, kandi ibyemezo bigafatwa mu mucyo.

Itegeko rigena uburyo bw'imiyoborere y'ibigo bya Leta.

**<u>Ingingo ya 16:</u> Ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'umutungo n'imicungire y'abakozi**

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta riteganya uburyo ikigo cya Leta cyikorera ubugenzuzi, uko kigenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta n'uko kigenzurwa n'abagenzuzi b'imari baturutse hanze y'ikigo cya Leta mu bijyanye n'imikoreshereze y'umutungo n'imicungire y'abakozi.

**<u>Article 14:</u> Statutes governing the staff of a public institution**

The law establishing the general statutes for public service governs public servants who work for public institutions.

A Law establishing a public institution may provide for the establishment of the special statutes governing employees of a public institution in accordance with legal provisions.

**<u>Article 15</u>: Mechanisms for improvement of corporate governance in public institutions**

While discharging its mission, a public institution is required to set up mechanisms for functioning and collaboration within all its organs such that each organ is accountable and to ensure transparency in decision making process.

A Law determines mechanisms for corporate governance in public institutions.

**<u>Article 16:</u> Financial and human resource management audit**

A Law establishing a public institution determines modalities for internal audit of the public institution, modalities for audit by the Auditor General of the State Finance and modalities for external audit of the use of property and human resource management.

**<u>Article 14:</u> Statut du personnel d'un établissement public**

La loi portant statut général de la fonction publique régit les agents de l'Etat des établissements publics.

Une loi portant création d'un établissement public peut prévoir la mise en place du statut particulier régissant les agents de l'Etat de l'établissement public conformément aux dispositions légales.

**<u>Article 15</u>: Mécanismes pour une meilleure gouvernance des établissements publics**

Pour s'acquitter de sa mission, un établissement public doit mettre en place des mécanismes de fonctionnement et de collaboration au sein de tous ses organes pour assurer la responsabilisation et la transparence dans la prise de décisions.

Une loi détermine les mécanismes de gouvernance des établissements publics.

**<u>Article 16:</u> Audit financier et de gestion des ressources humaines**

Une loi portant création d'un établissement public détermine les modalités d'audit interne de l'établissement public, les modalités de son audit par l'Auditeur Général des Finances de l'Etat et de son audit externe sur l'utilisation du patrimoine et la gestion des ressources humaines.

**UMUTWE WA II: IBIGO BYA LETA BIKORA IMIRIMO ITARI IY'UBUCURUZI**

**Ingingo ya 17: Ibiranga ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi**

Ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi kirangwa n'ibi bikurikira:

1 º kuba gifite inshingano zo gukora imirimo itari iy'ubucuruzi kandi igamije inyungu rusange;

2 º kuba gishingira ku ngengo y'imari ya buri mwaka ituruka mu Isanduku ya Leta;

3 º kuba kigendera ku mategeko rusange agenga inzego z'imirimo za Leta.

**Ingingo ya 18: Imiterere, imikorere n'inshingano by'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi**

Imiterere y'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi, inshingano n'imikorere by'inzego zacyo, biteganywa mu Itegeko rigishyiraho.

**Ingingo ya 19: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi**

Uburyo imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi bigenwa, buteganywa mu itegeko rishyiraho ikigo

**CHAPTER II: NON-COMMERCIAL PUBLIC INSTITUTIONS**

**Article 17: Features of a non-commercial public institution**

A non-commercial public institution must have the following features:

1° being responsible for pursuing non-commercial objectives for purposes of general interest;

2° being run on an annual budget derived from the State Treasury;

3° being managed in accordance with general provisions governing public service.

**Article 18: Organization, functioning and mission of the non-commercial public institution**

A Law establishing a non-commercial public institution determines the organisation, mission and functioning of its organs.

**Article 19: Salaries and other fringe benefits for the staff of a non-commercial public institution**

A law establishing a non-commercial public institution specifies the modalities for fixing salaries and other fringe benefits for the staff of the non-

**CHAPITRE II: ETABLISSEMENTS PUBLICS A CARACTERE NON COMMERCIAL**

**Article 17: Caractéristiques d'un établissement public à caractère non commercial**

Les caractéristiques d'un établissement public à caractère non commercial sont les suivantes :

1° être chargé de poursuivre des objectifs à caractère non commercial à des fins d'intérêt général;

2° fonctionner sur un budget annuel issu du Trésor Public;

3° avoir une gestion se conformant aux dispositions générales régissant la fonction publique.

**Article 18: Organisation, fonctionnement et mission d'un établissement public à caractère non commercial**

Une loi portant création d'un établissement public à caractère non commercial détermine l'organisation, la mission et le fonctionnement de ses organes.

**Article 19: Salaires et autres avantages accordés au personnel d'un établissement public à caractère non commercial**

Une loi portant création d'un établissement public à caractère non commercial prévoit les modalités de fixation des salaires et d'autres avantages accordés à

cya Leta hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.

**<u>Ingingo ya 20:</u> Ingengo y'Imari y'ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi**

Buri kigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi gitegura ingengo y'imari yacyo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>UMUTWE WA III</u>: IBIGO BYA LETA BIKORA IMIRIMO Y'UBUCURUZI**

**<u>Ingingo ya 21:</u> Ibiranga ibigo bya Leta bikora imirimo y'ubucuruzi**

Ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi kirangwa n'ibi bikurikira:

1° kuba gishinzwe gutanga serivisi ya Leta mu rwego rw'ubucuruzi bugamije inyungu rusange;

2° kuba gikora gishingiye ku imari nshingiro cyagenewe na Leta, kandi kikagira uburyozwe bugarukira ku ngwate ya Leta;

3° kuba gicuruza kigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage;

4° kuba kigenerwa ingengo y'imari na Leta mu gihe giciriritse kigenwa mu itegeko ryihariye rigishyiraho.

commercial public institution in accordance with laws governing public service.

**<u>Article 20</u>: Budget of a non-commercial public institution**

Each non-commercial public institution prepares its annual budget to be approved by the relevant authority and executed in accordance with relevant laws.

**<u>CHAPTER III</u>: COMMERCIAL PUBLIC INSTITUTIONS**

**<u>Article 21</u>: Features of commercial public institutions**

A commercial public institution has the following features:

1° provision of public services of a commercial nature whose consumption is for public interest;

2° operating on the basis of the share capital owned by Government as a corporation limited by Government guarantee;

3° being a business-oriented institution aiming at socio-economic development;

4° benefiting from State budget allocations for a mid-term period determined by the specific law establishing such an institution.

son personnel conformément à la loi régissant la fonction publique.

**<u>Article 20</u>: Budget d'un établissement public à caractère non commercial**

Chaque établissement public à caractère non commercial prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente et exécuté conformément aux lois en la matière.

**<u>CHAPITRE III</u> : ETABLISSEMENTS PUBLICS A CARACTERE COMMERCIAL**

**<u>Article 21:</u> Caractéristiques des établissements publics à caractère commercial**

Un établissement public à caractère commercial a les caractéristiques suivantes :

1° être chargé de la prestation des services publics à caractère commercial dans l'intérêt général ;

2° fonctionner sur base d'un capital social appartenant à l'Etat en tant qu'entreprise à responsabilité limitée par la garantie de l'Etat ;

3° exercer le commerce dans la poursuite du développement socio-économique ;

4° bénéficier des allocations budgétaires de l'état sur une période à moyen terme prévue dans la loi spécifique portant sa création.

**Ingingo ya 22: Imiterere n'imikorere by'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi yemezwa n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.

Icyakora Minisiteri ifite abakozi mu nshingano zayo hamwe na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo zikomeza kugishwa inama mu gihe giciriritse kigenwa n'itegeko rishyiraho ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi.

Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi rushyiraho kandi amabwiriza ngengamikorere y'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi.

**Ingingo ya 23: Inshingano yo gukora imirimo y'ubucuruzi buteza imbere imibereho myiza y'abaturage**

Ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi gifite inshingano rusange ijyanye no gucuruza mu buryo bugamije iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage.

Mu kurangiza inshingano zacyo, buri kigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi kigomba gukora kugira ngo buri mwaka, hashingiwe ku mari shingiro cyahawe, kibone inyungu igamije gutuma kihaza mu ngengo y'imari gikenera ndetse no gusagurira Isanduku ya Leta.

**Article 22: Organisation and functioning of a commercial public institution**

The organizational structure of a commercial public institution shall be approved by the Board of Directors.

However, the Ministry in charge of public service and the Ministry in charge of finance are required to continue consulting for a mid-term period determined by the law establishing the commercial public institution.

The Board of Directors also establishes internal rules and regulations of a commercial public institution.

**Article 23: Mission to carry out business activities to promote social welfare**

A commercial public institution has an overall mission of carrying out business activities aiming at promoting social welfare.

In discharging its responsibilities, every commercial public institution must, on the basis of its share capital, take all practicable steps to generate annual returns in order to sustain its required budget and to provide the surplus to the State Treasury.

**Article 22: Organisation et fonctionnement de l'établissement public à caractère commercial**

L'organigramme de l'établissement public à caractère commercial est adopté par le Conseil d'Administration.

Toutefois, le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions et le Ministère ayant les finances dans ses attributions continuent d'être consultés sur une période à moyen terme déterminée par la loi portant création de l'établissement public à caractère commercial.

Le Conseil d'Administration établit également le règlement d'ordre Intérieur de l'établissement public à caractère commercial.

**Article 23: Mission commerciale en vue de la promotion du bien-être social**

Un établissement public à caractère commercial a pour mission générale de prester des services à caractère commercial en vue de la promotion du bien-être social.

Dans l'accomplissement de ses attributions, chaque établissement public à caractère commercial doit prendre toutes les mesures possibles, sur base du capital social lui alloué, pour générer chaque année des rendements permettant de s'autofinancer entièrement et de réaliser des excédents à verser au Trésor Public.

**<u>Ingingo ya 24:</u> Ububasha bw'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

Ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi gifite ububasha bwo gukora ibikorwa bikurikira:

1 º gukora imirimo y'ubucuruzi ijyanye n'inshingano zacyo;

2 º gushyiraho amashami cyangwa abahagarariye ikigo cya Leta imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hagamijwe gukora imirimo iri mu nshingano zacyo;

3 º kugirana amasezerano y'ubucuruzi n'abantu cyangwa ibigo imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hagamijwe kugeza ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi ku nshingano zacyo;

4 º gutunga cyangwa kugura imigabane mu bindi bigo cyangwa sosiyeti, ndetse no kugurisha iyo migabane;

5 º gupiganira amasoko no gukora imirimo y'impuguke imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hashingiwe ku masezerano;

6 º kwaka inguzanyo nyuma yo kubiherwa uruhushya na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo;

**<u>Article 24:</u> Powers of a commercial public institution**

A commercial public institution has powers to :

1° engage in commercial activities relevant to its mission;

2° establish branches or to appoint representatives of the public institution inside or outside the country in order to carry out activities under its mission;

3° enter into commercial contracts with individuals or legal entities inside or outside the country in order to achieve its mission;

4° hold or purchase shares in other corporations or companies as well as selling of such shares;

5° bid for contracts and to perform consultancy services inside or outside the country on the basis of the contracts;

6° apply for loans upon authorization by the Ministry in charge of finance;

**<u>Article 24</u>: Pouvoirs d'un établissement public à caractère commercial**

Un établissement public à caractère commercial dispose des pouvoirs de mener les activités suivantes:

1 º réaliser les activités commerciales liées à sa mission;

2 º établir des branches ou représentations de l'établissement public à l'intérieur du pays ou à l'étranger pour réaliser les activités relevant de sa mission;

3 º conclure des contrats commerciaux avec les individus ou entités légales à l'intérieur du pays ou à l'étranger dans le but d'atteindre sa mission;

4 º détenir ou disposer des parts sociales dans d'autres entreprises ou sociétés commerciales et vendre ces parts sociales;

5 º soumissionner pour les marchés et exécuter les services de consultance à l'intérieur du pays ou à l'étranger sur base des contrats;

6 º demander des crédits sur autorisation du Ministère ayant les finances dans ses attributions;

7 º kugura no kugurisha umutungo na serivisi hakurikijwe amategeko ngengamikorere ashyirwaho n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi;

8 º gushaka abakozi hakurikijwe amategeko ngengamikorere ashyirwaho n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi;

9 º gucunga imari n'umutungo hakurikijwe amategeko ngengamikorere aboneye ubucuruzi ashyirwaho n'Urwego rw'Inama y'Ubuyobozi.

Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi rishobora kugena ubundi bubasha bwa ngombwa buri mu nshingano zacyo.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Ingengo y'imari y'umwaka y'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

Mu gihe giciriritse kigenwa mu itegeko rishyiraho Ikigo cya Leta, buri kigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi gitegura ingengo y'imari ya buri mwaka kikayishyikiriza inzego zemeza ingengo y'imari y'Igihugu.

Iyo ngengo y'imari igomba kuba iherekejwe n'ifoto y'umutungo y'umwaka w'ingengo y'imari urangiye n'umushinga w'ibiteganywa mu mwaka w'ingengo y'imari utangiye bisabirwa kwemezwa.

7° procure and sell goods or services in accordance with the Rules of Procedure adopted by the Board of Directors;

8° recruit staff in accordance with the internal rules and regulations adopted by the Board of Directors;

9° managing funds and assets in accordance with appropriate business rules adopted by the Board of Directors.

A law establishing a commercial public institution may determine other necessary powers under its mission.

**<u>Article 25</u>: Annual budget of a commercial public institution**

In a mid-term period determined by the Law establishing a public commercial institution, every commercial public institution prepares its annual budget and submits it to the organs in charge of approving the national budget.

The annual budget must be accompanied by a balance sheet of the previous fiscal year and the business plan proposal of the next fiscal year for approval.

7 º acheter et vendre les biens et les services conformément au Règlement d'Ordre Intérieur adopté par le Conseil d'Administration;

8 º recruter le personnel conformément au règlement d'ordre intérieur adopté par le Conseil d'Administration ;

9 º gérer les fonds et le patrimoine conformément aux règles commerciales appropriées adoptées par le Conseil d'Administration.

Une loi portant création d'un établissement public à caractère commercial peut déterminer d'autres pouvoirs nécessaires relevant de sa mission.

**<u>Article 25</u>: Budget annuel de l'établissement public à caractère commercial**

Sur une période à moyen terme déterminée par la loi portant création de l'établissement public, chaque établissement public à caractère commercial prépare son budget annuel et le soumet aux organes chargés d'approuver le budget national.

Le budget annuel doit s'accompagner du bilan financier de l'exercice précédent ainsi que le projet de plan d'affaires de l'exercice suivant pour adoption.

**Ingingo ya 26: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi**

Urwego rufata ibyemezo mu kigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi rwemeza imbonerahamwe y'imishahara hamwe n'ibindi bigenerwa abakozi b'ikigo cya Leta gikora imirimo y'ubucuruzi.

Icyakora, Minisiteri ifite abakozi mu nshingano zayo hamwe na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo zikomeza kugishwa inama mu gihe giciriritse kigenwa n'itegeko rishyiraho ikigo cya Leta.

**UMUTWE WA IV: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 27: Igihe cy'inzibacyuho**

Amategeko yose ashyiraho ibigo bya Leta akurikizwa kugeza ubu agomba kuba yahujwe n'iri tegeko ngenga mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) uhereye igihe ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 28: Ibigo Leta ishoramo imari bitagengwa n'iri tegeko ngenga**

Hatabangamiwe ibiteganywa mu gika cya nyuma cy'ingingo ya 2 y'iri tegeko ngenga, Leta ishobora gushyiraho sosiyeti y'ubucuruzi igengwa n'itegeko

**Article 26: Salaries and other fringe benefits for staff of a commercial public institution**

The decision-making organ of a commercial public institution approves the salary scale and other fringe benefits of the staff of the commercial public institution.

However, the Ministry in charge of public service and the Ministry in charge of finance are required to continue to be consulted for a medium-term period as determined by the law establishing the institution.

**CHAPTER IV: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 27: Transitional period**

All existing laws establishing public institutions must be in conformity with this Organic Law within a period of two (2) years from its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 28: Government-financed institutions falling out of the scope of this Organic Law**

Without prejudice to provisions of the last Paragraph of Article 2 of this Organic Law, the Government

**Article 26: Salaires et autres avantages accordés au personnel d'un établissement public à caractère commercial**

L'organe de décision d'un établissement public à caractère commercial adopte la grille salariale et autres avantages accordés au personnel de l'établissement public à caractère commercial.

Toutefois, le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions et le Ministère ayant les finances dans ses attributions continuent d'être consultés sur une période à moyen terme déterminée par la loi portant création de l'établissement.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES**

**Article 27: Période transitoire**

Toutes les lois en vigueur portant création des établissements publics doivent être rendues conformes à la présente loi organique dans un délai ne dépassant pas deux (2) ans à compter de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Article 28: Etablissements financés par l'Etat auxquels la présente loi organique n'est pas applicable**

Sans préjudice des dispositions du dernier alinéa de l'article 2 de la présente loi organique, l'Etat peut créer une société commerciale régie par la Loi

ryerekeye amasosiyeti y'ubucuruzi, ishobora kandi gushora imari mu masosiyeti y'ubucuruzi yigenga.

Itegeko ryihariye rigena uburyo Leta ishyiraho isosiyeti y'ubucuruzi ya Leta, uburyo isosiyeti y'ubucuruzi ya Leta icungwa n'uburyo bwo gukurikirana imicungire y'imigabane Leta ifite mu masosiyeti y'ubucuruzi yigenga.

**Ingingo ya 29: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by' iri tegeko ngenga**

Iri tegeko ngenga ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'itegeko ngenga n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo ku wa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu kimwe n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 31: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

may create a company governed by the Law relating to companies. It can also invest in private companies.

A specific law determines the framework of how the government may create a company, the mode of management of the company as well as modalities for the management of shares held by the Government in such a private company.

**Article 29: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

This Organic Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 30: Repealing provision**

Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date and all other prior legal provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

**Article 31: Commencement**

This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

relative aux sociétés commerciales. Il peut également investir dans les sociétés commerciales privées.

Une loi spécifique détermine le cadre de création d'une société commerciale par l'Etat, celui de gestion d'une société de l'Etat ainsi que les modalités de gestion des actions détenues par l'Etat dans les sociétés commerciales privées.

**Article 29: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

La présente loi organique a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 30: Disposition abrogatoire**

La Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**Article 31: Entrée en vigueur**

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **20/04/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **20/04/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **20/04/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République *:***

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO Nº004/2016 RYO KU WA 30/03/2016 RIKURAHO ITEGEKO Nº53/2013 RYO KU WA 28/06/2013 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE ITWARA RUSANGE RY'ABANTU (ONATRACOM) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'itegeko**

**Ingingo ya 3: Kwegurirwa inshingano, n'umutungo bya ONATRACOM**

**Ingingo ya 4: Isezererwa ry'Abakozi bari aba ONATRACOM**

**Ingingo ya 5: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 7: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**LAW Nº004/2016 OF 30/03/2016 REPEALING LAW N°53/2013 OF 28/06/2013 ESTABLISHING THE NATIONAL PUBLIC TRANSPORT AUTHORITY (ONATRACOM) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Repeal of the Law**

**Article 3: Transfer of responsibilities and property of ONATRACOM**

**Article 4: Redundancy arrangements for former staff of ONATRACOM**

**Article 5: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 6: Repealing provision**

**Article 7: Commencement**

**LOI Nº004/2016 DU 30/03/2016 PORTANT ABROGATION DE LA LOI Nº 53/2013 DU 28/06/2013 PORTANT CREATION DE L'OFFICE NATIONAL DES TRANSPORTS EN COMMUN (ONATRACOM) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Abrogation de la loi**

**Article 3: Cession des attributions et du patrimoine de l'ONATRACOM**

**Article 4: Licenciement du personnel qui était au service de l'ONATRACOM**

**Article 5: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 6: Disposition abrogatoire**

**Article 7: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NºOO4/2016 RYO KU WA 30/03/2016 RIKURAHO ITEGEKO Nº53/2013 RYO KU WA 28/06/2013 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE ITWARA RUSANGE RY'ABANTU (ONATRACOM) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 24 Gashyantare 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko nº 53/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe itwara Rusange ry'Abantu

**LAW Nº004/2016 OF 30/03/2016 REPEALING LAW N°53/2013 OF 28/06/2013 ESTABLISHING THE NATIONAL PUBLIC TRANSPORT AUTHORITY (ONATRACOM) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIARMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 24 February 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 and 176;

Having reviewed Law n° 53/2013 of 28/06/2013 establishing the National Public Transport Authority **(ONATRACOM**) and

**LOI Nº004/2016 DU 30/03/2016 PORTANT ABROGATION DE LA LOI Nº 53/2013 DU 28/06/2013 PORTANT CREATION DE L'OFFICE NATIONAL DES TRANSPORTS EN COMMUN (ONATRACOM) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 24 février 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 et 176;

Revu la Loi nº 53/2013 du 28/06/2013 portant creation de l'Office National des Transports en Commun **(ONATRACOM)** et determinant sa

**(ONATRACOM)** rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rivanaho Itegeko n° 53/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyirahoIkigo cy'Igihugu gishinzwe Itwara Rusange ry'Abantu (ONATRACOM) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ivanwaho ry'itegeko**

Itegeko n°53/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Itwara Rusange ry'Abantu (ONATRACOM) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo rivanyweho.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Kwegurirwa inshingano n'umutungo bya ONATRACOM**

Inshingano, umutungo wimukanwa, umutungo utimukanwa n'imyenda byari iby'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Itwara Rusange ry'Abantu (ONATRACOM) byeguriwe Leta.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Isezererwa ry'abakozi bari aba ONATRACOM**

Abakozi bakoraga muri ONATRACOM basezererwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

determining its mission, organization and functioning;

**ADOPTS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Law**

This Law repeals Law n° 53/2013 of 28/06/2013 establishing the National Public Transport Authority (ONATRACOM) and determining its mission, organization and functioning.

**<u>Article 2</u>: Repeal of the Law**

Law n° 53/2013 of 28/06/2013 establishing the National Public Transport Authority (ONATRACOM) and determining its mission, organization and functioning is hereby repealed.

**<u>Article 3</u>:Transfer of responsibilities and property of ONATRACOM**

Responsibilities, movable and immovable property as well as liabilities of the National Public Transport Authority (ONATRACOM) are transferred to the Government.

**<u>Article 4:</u> Redundancy arrangements for former staff of ONATRACOM**

Members of staff in service at ONATRACOM are made redundant in accordance with legal provisions.

mission, son organisation et son fonctionnement;

**ADOPTE:**

**<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi**

La présente loi porte abrogation de la Loi n° 53/2013 du 28/06/2013 portant création de l'Office National des Transports en Commun (ONATRACOM) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement.

**<u>Article 2</u>: Abrogation de la loi**

La Loi n°53/2013 du 28/06/2013 portant création de l'Office National des Transports en Commun (ONATRACOM) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement est abrogée.

**<u>Article 3</u>: Cession des attributions et du patrimoine de l'ONATRACOM**

Les attributions, les biens meubles et immeubles ainsi que le passif de l'Office National des Transports en Commun (ONATRACOM) sont cédés à l'Etat.

**<u>Article 4:</u> Licenciement du personnel qui était au service de l'ONATRACOM**

Le personnel qui était au service de l'ONATRACOM est licencié conformément aux dispositions légales.

**Ingingo ya 5: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 7: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **30/03/2016**

**Article 5: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 6: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 7: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **30/03/2016**

**Article 5: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda**.**

**Article 6: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 7: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **30/03/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/ Garde des sceaux

**ITEKA RYA PEREZIDA N°002/01 RYO KU WA 27/04/2016 RIGENA IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA BURI AHANTU HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU (SEZ)**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri teka**

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'ubutaka bwa SEZ**

**UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'UBUTAKA**

**Icyiciro cya mbere : Imicungire y'ubutaka**

**Ingingo ya 5: Inshingano za SEZAR mu micungire y'ubutaka bwa SEZ**

**Ingingo ya 6: Ihererekanya ry'ububasha bwa SEZAR**

**Ingingo ya 7: Imikoranire n'izindi nzego za Leta**

**PRESIDENTIAL ORDER Nº002/01 OF 27/04/2016 DETERMINING THE MANAGEMENT AND USE OF LAND IN SPECIAL ECONOMIC ZONES (SEZ)**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 3: Scope of application**

**Article 4: Categories of land in SEZ**

**CHAPTER II: LAND MANAGEMENT**

**Section One: Land management**

**Article 5: Responsibilities of SEZAR in management of land in SEZ**

**Article 6: Delegation of SEZAR's powers**

**Article 7: Collaboration with other governmental institutions**

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº002/01 DU 27/04/2016 PORTANT GESTION ET UTILISATION DES TERRES EN ZONES ECONOMIQUES SPECIALES (SEZ)**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définition des termes**

**Article 3: Champ d'application**

**Article 4: Catégories des terres des SEZ**

**CHAPITRE II: GESTION FONCIERE**

**Section première: gestion foncière**

**Article 5: Responsabilités de SEZAR dans la gestion foncière des SEZ**

**Article 6: Délégation des pouvoirs de SEZAR**

**Article 7: Collaboration avec les autres institutions gouvernementales**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Serivisi zirebana n'ubutaka muri *One-Stop-Shop*** | **Article 8: Land-related services in One-Stop-Shop** | **Article 8: Services fonciers au guichet unique** |
| **Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'inzobere na komite zitandukanye** | **Article 9: Appointment of experts and committees** | **Article 9: Nomination des experts et des comités** |
| **Ingingo ya 10: Amafaranga atangwa ku bikorwa by'imicungire y'ubutaka** | **Article 10: Administrative fees** | **Article 10: Frais administratifs** |
| **Icyiciro cya 2: Uburenganzira bwo gutunga ubutaka** | **Section 2: Land ownership rights** | **Section 2: Droits de propriété foncière** |
| **Ingingo ya 11: Kubona ubutaka** | **Article 11: Acquisition of land** | **Article 11: Acquisition des terres** |
| **Ingingo ya 12: Uburyo bwo kubona ubutaka** | **Article 12: Modalities of land acquisition** | **Article 12: Modalités d'acquisition des terres** |
| **Icyiciro cya 3: Uburenganzira ku butakabwa SEZ** | **Section 3: Land rights in SEZ** | **Section 3: Droits fonciers des SEZ** |
| **Ingingo ya 13: Uburenganzira ku butaka** | **Article 13: Land rights** | **Article 13: Droits fonciers** |
| **Ingingo ya 14: Uburenganzira bw'ubukode** | **Article 14: Lease rights** | **Article 14: Droits d'emphytéose** |
| **Ingingo ya 15: Ubukode burambye** | **Article 15: Emphyteutic lease** | **Article 15: Bail emphytéotique** |
| **Ingingo ya 16: Uburenganzira ku nkondabutaka** | **Article 16: Freehold rights** | **Article 16: Droit à la pleine propriété foncière** |
| **Icyiciro cya 4: Ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka** | **Section 4: Transfer of land rights** | **Section 4: Cession des droits fonciers** |
| **Ingingo ya 17: Ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka bwa SEZ** | **Article 17: Transfer of land rights in SEZ** | **Article 17: Cession des droits fonciers des SEZ** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 18: Uburyo bwo guhererekanya uburenganzira ku butaka bwa SEZ** | **Article 18: Modalities for transfer of land rights in SEZ** | **Article 18: Modalités de cession des droits fonciers des SEZ** |
| **Ingingo ya 19: Ingwate y'ubutaka** | **Article 19: Mortgage of land** | **Article 19: Hypothèque de la terre** |
| **Icyiciro cya 5: Inshingano za nyir'ubutaka bwa SEZ** | **Section 5: Obligations of land owners in SEZ** | **Section 5: Obligations des propriétaires fonciers des SEZ** |
| **Ingingo ya 20: Umusoro w'ubutaka n'amahoro ku bukode bw'ubutaka** | **Article 20: Tax on property and lease fees** | **Article 20: Taxe sur la propriété et taxe de bail** |
| **Ingingo ya 21: Inshingano yo kubyaza umusaruro ubutaka bwa SEZ** | **Article 21:Obligation for productive use of land in SEZ** | **Article 21:Obligation d'exploiter la terre des SEZ d'une façon productive** |
| **UMUTWE WA III: IKORESHWA RY'UBUTAKA BWA SEZ** | **CHAPTER III: USE OF LAND IN SEZ** | **CHAPITRE III: REGIME FONCIER DE SEZ** |
| **Icyiciro cya mbere: Gukora gahunda y'ikoreshwa ry'ubutaka bwa SEZ** | **Section One: Planning for land use in SEZ** | **Section première: Planification de l'aménagement foncier dans la SEZ** |
| **Ingingo ya 22: Ibishushanyo by'imikoreshereze ry'ubutaka** | **Article 22: Plans for land use** | **Article 22: Plans pour l'aménagement foncier** |
| **Ingingo ya 23: Impinduka mu mikoreshereze y'ubutaka bwa SEZ** | **Article 23: Changes in usage of land in SEZ** | **Article 23: Changement dans l'utilisation des terres de SEZ** |
| **Ingingo ya 24: Inzira zubahirizwa mu gusaba 'impinduka mu mikoreshereze y'ubutaka** | **Article 24: Procedure for request for changes in land usage** | **Article 24: Procédure de demende des changements dans l'utilisation des terres** |
| **Ingingo ya 25: Kugenzura imikoreshereze y'ubutaka bwaSEZ** | **Article 25: Inspection of land use in SEZ** | **Article 25: Inspection de l'utilisation des terres de SEZ** |
| **Ingingo ya 26: Kurengera ibidukikije** | **Article 26: Environmental protection** | **Article 26: Protection de l'environnement** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV: IBIHANO KU MAKOSA Y'IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA BW'AHANTU HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU** | **CHAPTER IV: SANCTIONS FOR VIOLATIONS OF MANAGEMENT AND USE OF LAND IN SPECIAL ECONOMIC ZONES** | **CHAPITRE IV: SANCTIONS CONCERNANT LES VIOLATIONS DU REGIME FONCIER DANS LES ZONES ECONOMIQUES SPECIALES** |
| **Ingingo ya 27: Ukutubahiriza ibikubiye muri iri teka** | **Article 27: Non-compliance with this Order** | **Article 27: Non-respect du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 28: Ingingo zibuza abantu gushaka indonke** | **Article 28: Anti-speculation provisions** | **Article 28: Dispositions anti spéculatives** |
| **Ingingo ya 29: Inzira zo gusesa amasezerano y'ubukode no gusubizwa ubutaka bwaguzwe** | **Article 29: Procedure of cancellation of the lease agreement and repossession of the purchased land** | **Article 29: Procédure d'annulation des accords de location et repossession des terres achétées** |
| **Ingingo ya 30: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Article 30: Administrative sanctions** | **Article 30: Sanctions administratives** |
| **Ingingo ya 31: Inzira ikurikizwa mu gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Article 31: Procedure on issuing administrative sanctions** | **Article 31: Procédure d'imposer des sanctions administratives** |
| **Ingingo ya 32: Gusesa amasezerano y'ubukode n'ay'ubugure** | **Article 32: Cancellation of a land lease and purchase agreements** | **Article 32: Annulation du contrat de bail et d'achat des terres** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER V: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 33: Abashinzwe kubahiriza iri teka** | **Article 33: Authorities responsible for implementation of this Order** | **Article 33: Autorités chargées de l'exécution du présent arreté** |
| **Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 34: Repealing provision** | **Article 34: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 35: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 35: Commencement** | **Article 35: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA PEREZIDA N°002/01 RYO KU WA 27/04/2016 RIGENA IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA BW'AHANTU HIHARIYE MU BY'UBUKUNGU (SEZ)**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112,iya 122, n'iya 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga Ubutaka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo ya 29;

Bisabwe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere akaba n'umwe mu bagize inama y'Abaminisitiri;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/05/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:**

**PRESIDENTIAL ORDER Nº002/01 OF 27/04/2016 DETERMINING THE MANAGEMENT AND USE OF LAND IN SPECIAL ECONOMIC ZONES (SEZ)**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112,122 and 176;

Pursuant to Law n° 43/2013 of 16/06/2013 governing land in Rwanda, especially in Article 29;

On proposal by the Chief Executive Officer of Rwanda Development Board and Member of the Cabinet;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 14/05/2015;

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDERS:**

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº002/01 DU 27/04/2016 PORTANT GESTION ET UTILISATION DES TERRES EN ZONES ECONOMIQUES SPECIALES (SEZ)**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112,122 et 176;

Vu la Loi n° 43/2013 du 16/06/2013 régissant les terres au Rwanda, spécialement en son article 29;

Sur proposition du Directeur Général de l'Office Rwandais de Développement et Membre du Conseil des Ministres;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/05/2015;

**AVONS ARRETE ET ARRETONS :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka bwa Ahantu Hihariye mu by'Ubukungu, « SEZ ».

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **SEZAR:** Urwego Ngenzuramikorere rw'Imirimo Ikorerwa muri za Zone;

2° **uwubaka Zone:** umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi, ufite uruhushya rwo gushyiraho no gutunganya Zone yose cyangwa igice cyayo hakurikijwe iri teka, amategeko n'amabwiriza abigenga;

3° **ubukode burambye:** kontaro y'igihe kirekire hagati ya Leta n'umuntu yo gukoresha ubutaka na we akajya yishyura amafaranga bumvikanyeho buri gihe runaka;

4° **inkondabutaka:** uburyo bwo gutunga ubutaka buha nyirabwo uburenganzira bwa burundu kuri bwo;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the management and use of land in Special Economic Zones « SEZ ».

**Article 2: Definition of terms**

For the purpose of this Order, the following terms shall be defined as follows:

**1° SEZAR:** the Special Economic Zones Regulatory Authority of Rwanda;

**2° developer:** an individual or a legal entity which holds a license for establishing and developing a Zone or part of a Zone in accordance with this Order,laws and relevant regulations;

**3° emphyteutic lease:** a long term contract between the State and a person to exploit land in return for a periodic agreed fee payment;

**4° freehold:** type of land tenure granting full and indefinite rights over the land;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté porte sur la gestion et l'utilisation des terres en Zones Economiques Spéciales « SEZ ».

**Article 2: Définition des termes**

Aux fins du présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

**1° SEZAR :** Office de Régulation des Zones Economiques Spéciales du Rwanda;

**2° promoteur:** une personne physique ou morale ayant une licence de créer et de promouvoir une Zone ou une partie de la Zone conformément à la disposition du présent arrêté, aux lois et aux règlements en la matière;

**3° bail emphytéotique :** un contrat à long terme entre l'Etat et une personne pour exploiter la terre moyennant le paiement régulier des frais convenus;

**4° pleine propriété foncière:** système de tenure qui confère un

5° **umushoramari:** umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi ushora imari mu kigo cy'ishoramari mu Rwanda, ukuyemo abacuruzi;

6° **umuntu:** umuntu ku giti cye, itsinda ry'abantu bafatanyije ubutaka, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi;

7° **ucunga Zone:** umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi ufite uruhushya rwo gukorera ahantu hihariye hakurikijwe iri teka n'ingingo zikubiye mu masezerano hagati y'ucunga ahantu hihariye na SEZAR;

8° **Ahantu Hihariye mu by'Ubukungu (SEZ):** Icyiciro cy'ubutaka gipimye kandi gifite imbago, gicungwa n'urwego rumwe kandi cyorohereza ishoramari cyane cyane mu bijyanye n'amategeko yerekeranye n'ubukungu ashyigikira ubwisanzure mu mikorere kuburyo bworohereza abashoramari;

**5° investor:** a physical person or a legal entity that invests in investment enterprise in Rwanda, excluding traders;

**6° person:** an individual, a group of individuals co -owning land, a business company, an organization or association with legal personality;

**7° operator:** an individual or a legal entity that is licensed to operate in Zone according to this Order and under the terms of agreement with a Zone Operator and the SEZAR**;**

**8° Special Economic Zone (SEZ):** a geographically specified and physically secured area administered by a single body, offering certain incentives including more liberal and simplified economic regulations for businesses to physically locate and operate within it;

droit absolu au titulaire de droits fonciers ;

**5° investisseur :** personne physique ou morale qui investit dans une entreprise d'investissement au Rwanda à l'exception des commerçants;

**6° personne :** une personne physique, des copropriétaires, une société commerciale, une association ou organisation dotée de la personnalité juridique;

**7° exploitant:** une personne physique ou morale qui est autorisée à exploiter une Zone conformément au présent arrêté et selon les modalités du contrat conclu entre l'exploitant de la Zone et SEZAR;

**8° Zone Economique Spéciale (SEZ) :** Zone géographique délimitée, sécurisée physiquement, administrée par un seul organe et offrant des conditions favorables à l'investissement portant notamment sur la mise en place d'une règlementation économique plus libérale et plus simplifiée permettant aux entreprises de s'y établir et d'y opérer;

9° **ukwatira:** amasezerano umuntu ufite ubukode agirana n'undi akamwemerera gukoresha ubutaka bwe amaze kumuha icyatamurima bumvikanyeho amaze kuhatunganya ibikorwa remezo;

10° **ukoresha muri Zone:** umuntu cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi, ufite uruhushya rwo gukorera ibikorwa ku gice cyangwa ahantu hose hihariye mu by'ubukungu hashingiwe kuri iri teka n'ingingo zikubiye mu masezerano hagati y'ucunga ubutaka na SEZAR.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Aho iri teka rikoreshwa**

Iri teka rikoreshwa ku butaka bwagenewe SEZ.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ibyiciro by'ubutaka bwa SEZ**

Ibyiciro by'ubutaka bwa SEZ birimo:

1° ubutaka bwa Leta buri mu mutungo bwite wayo;

2° ubutaka buri mu mutungo rusange w'inzego z'ibanze;

3° ubutaka bw'ibigo bya Leta;

4° ubutaka bw'umuntu ku giti cye.

**9° sublease:** a contract between a lease holder and another person so that the latter may exploit the former's land in return for payment of an agreed fee upon completion of infrastructure development;

**10° user:** an individual or a legal entity that is licensed to carry out activities in part or the entire Zone according to this Order and under the terms of agreement between a Zone Operator and SEZAR.

**<u>Article 3</u>: Scope of application**

This Order applies to land designated for SEZ.

**<u>Article 4</u>: Categories of land in SEZ**

Categories of land in SEZ include:

1° state land in private domain;

2° land in public domain of local government;

3° public institutions land;

4° private individual land.

**9° sous-emphytéose :** contrat entre le titulaire d'un bail et une autre personne en vertu duquel le dernier nommé exploite la terre du premier nommé moyennant le payement d'une somme convenue entre les deux parties dès l'achèvement du développement des infrastructures;

10° **utilisateur :** une personne physique ou morale ayant une licence pour la réalisation des activités sur une partie ou l'ensemble d'une Zone en vertu du présent arrêté et selon les modalités du contrat conclu entre l'exploitant et le SEZAR.

**<u>Article 3</u>: Champ d'application**

Le présent arrêté s'applique aux terres désignées pour SEZ.

**<u>Article 4</u>: Catégories des terres des SEZ**

Les catégories des terres des SEZ comprennent ;

1° les terres du domaine privé de l'Etat ;

2° les terres du domaine public des entités d'administration locales ;

3° les terres des établissements publics ;

4° les terres individuelles privées.

**UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'UBUTAKA**

**Icyiciro cya mbere: Imicungire y'ubutaka**

**Ingingo ya 5: Inshingano za SEZAR mu micungire y'ubutaka bwa SEZ**

Inshingano za SEZAR mu micungire y'ubutaka bwa SEZ zikubiyemo:

1° kugenzura no kwemeza amasezerano yose arebana n'igurisha, igura, ikodesha n'ukwatisha by'ubutaka bwa SEZ;

2° gukurikiranira hafi uburyo bw'iyandikishwa ry'ibikorwa byose birebana n'ubutaka bikorewe muri SEZ;

3° gutanga ubutaka no kwemeza igishushanyo mbonera kijyanye n'ikoreshwa ry'ubutaka buri muri SEZ;

4° guhuza ibikorwa, gushyikirana no gushyira umukono ku masezerano y'ubufatanye n'izindi nzego bireba, za Minisiteri n'abatanga serivisi zifitiye igihugu akamaro;

5° gushyiraho "*One-Stop-Shop"* kuri buri Zone ifasha mu byo kwandikisha ubutaka na serivisi zirebana no

**CHAPTER II: LAND MANAGEMENT**

**Section One: Land management**

**Article 5: Responsibilities of SEZAR in management of land in SEZ**

Responsibilities of SEZAR in management of land in SEZ shall include:

1° to verify and authenticate all contracts in relation to sale, purchase, lease and sub-lease of land in SEZ;

2° to make a follow up on registration process of all transactions conducted on SEZ land;

3° to allocate land and adopt the master plan for the use of land within SEZ;

4° to coordinate, negotiate and sign cooperation agreements with other competent authorities, Ministries and utility service providers;

5° to set up One-Stop-Shop in every Zone for land registration and land-related clearances;

**CHAPITRE II: GESTION DE TERRES**

**Section première: Gestion des terres**

**Article 5: Attributions de SEZAR dans la gestion des terres de SEZ**

Les attributions de SEZAR dans la gestion des terres de SEZ comprennent:

1° vérifier et l'authentifier tous les contrats en rapport avec la vente, l'achat, le bail et la sous-emphytéose des terrres de SEZ;

2° faire le suivi du processus d'enregistrement de toutes les transactions foncières effectuées dans les SEZ;

3° allouer les terres et adopter le plan directeur pour l'aménagement des terres de SEZ;

4° Coordonner, négotier et signer des accords de coopération avec les autres autorités competentes, les Ministères et les fournisseurs de services publics;

5° créer un guichet unique dans chaque Zone chargé de l'enregistrement des terres et les paiements des services y relatifs;

kwishyura amafaranga akomoka ku butaka;

6° kwakira buri mwaka raporo z'amasuzuma y'ubutaka bugomba gukodeshwa no kugurishwa yakozwe n'inzobere zo hanze y'Igihugu;

7° kureba niba abubaka Zone, abacunga Zone n'abakorera muri Zone bubahiriza ingingo zo kugena uduce tw'ubutaka n'igishushanyo mbonera, amategeko agenga imyubakire, inshingano zo kwandikisha ubutaka, amategeko akoreshwa arebana n'umutekano no kubungabunga ibidukikije, amategeko y'umwihariko agenga SEZ, impushya n'amasezerano ya kontaro na SEZAR;

8° kugira igitabo cyuzuzwa buri gihe gitanga amakuru arambuye ku mishinga y'iterambere, uko imikoreshereze y'ubutaka ihagaze, ibyahinduwe, amarengayobora cyangwa ibyorohejwe ku byasabwaga byari biteganyijwe;

9° kugenzura ibibanza n'ibikorwa remezo byubatse ifatanyije n'inzego zibifitiye ububasha mu bijyanye n'ikoreshwa ry'ubutaka hashingiwe ku masezerano y'ubukode;

Le Premier Ministre, le Ministre du Commerce et de l'Industrie, le Ministre des Infrastructures, le Ministre des Finances et de la Planification Economique, le Directeur Général de l'Office Rwandais de Developpement, et le District concerné sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 34: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 35: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **27/04/2016**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**

**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**

**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**

**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°115/03 RYO KU WA 08/04/2016 RISHYIRAHO UMUYOBOZI** | **PRIME MINISTER'S ORDER N°115/03 OF 08/04/2016 APPOINTING A DIRECTOR** | **ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°115/03 DU 08/04/2016 PORTANT NOMINATION D'UN DIRECTEUR** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **Ingingo ya mbere**: **Ishyirwaho** | **Article One: Appointment** | **Article premier: Nomination** |
| **Ingingo ya 2**: **Abashinzwe kubahiriza iri teka** | **Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 2**: **Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 3**: **Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 3: Repealing provision** | **Article 3: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 4**: **Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 4: Commencement** | **Article 4: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°115/03 RYO KU WA 08/04/2016 RISHYIRAHO UMUYOBOZI**

**Minisitiri w'Intebe,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 6 n'iya 8;

Bisabwe na Minisitiriw'Abakoziba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/10/2015, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

__Ingingo ya mbere__**: Ishyirwaho**

**Bwana KABANDANA Maurice** agizwe Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Isakaza n'Ishyinguranyandiko mu Nteko Ishinga Amategeko/Umutwe wa Sena.

**PRIME MINISTER'S ORDER N°115/03 OF 08/04/2016 APPOINTING A DIRECTOR**

**The Prime Minister,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the General Statutes for Public Service, especially in Articles 4, 6 and 8;

Upon proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/10/2015;

**HEREBY ORDERS:**

__Article One__**: Appointment**

**Mr. KABANDANA Maurice** is hereby appointed Director of Outreach and Documentation Unit in the Parliament/ Chamber of Senate.

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°115/03 DU 08/04/2016 PORTANT NOMINATION D'UN DIRECTEUR**

**Le Premier Ministre,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant Statut Général de la Fonction Publique, spécialement en ses articles 4, 6 et 8;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/10/2015;

**ARRETE:**

__Article premier__**: Nomination**

**Monsieur KABANDANA Maurice** est nommé Directeur de l'Unité Outreach and Documentation au Parlement/Chambre du Sénat.

**Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingoya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 14/10/2015.

Kigali, ku wa **08/04/2016**

**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 3: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 14/10/2015.

Kigali, on **08/04/2016**

**Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 3: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 4: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 14/10/2015.

Kigali, le **08/04/2016**

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**
**UWIZEYE Judith**
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**(sé)**
**UWIZEYE Judith**
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice /Attorney General

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**(sé)**
**UWIZEYE Judith**
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI N°008/2016 RYO KU WA 27/04/2016 RYEMERERA *AFRICAN LEADERSHIP UNIVERSITY (ALU)* GUTANGIRA GUKORA** | **MINISTERIAL ORDER Nº008/2016 OF 27/04/2016 GRANTING ACCREDITATION TO AFRICAN LEADERSHIP UNIVERSITY (ALU)** | **ARRETE MINISTERIEL N°008/2016 DU 27/04/2016 ACCORDANT ACCREDITATION A *AFRICAN LEADERSHIP UNIVERSITY (ALU)*** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE DES MATIERES** | **TABLE OF CONTENTS** |
| **Ingingo ya mbere: Kwemerera ishuri rikuru gutangira gukora** | **Article One: Accreditation to an higher learning institution** | **Article premier: Accréditation à l'institution privée d'enseignement supérieur** |
| **Ingingo ya 2: Uhagarariye ALU mu rwego rw'amategeko** | **Article 2: ALU legal representative** | **Article 2: Représentant légal de ALU** |
| **Ingingo ya 3: Icyiciro ALU irimo** | **Article 3: Category of ALU** | **Article 3: Catégorie de ALU** |
| **Ingingo ya 4: Inyigisho zitangwa na ALU** | **Article 4: Teaching programs offered by ALU** | **Article 4: Programmes d'enseignement dispensés par ALU** |
| **Ingingo ya 5: Impamyabumenyi ALU yemerewe gutanga** | **Article 5: Academic award offered by ALU** | **Article 5: Diplôme délivré par ALU** |
| **Ingingo ya 6: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 6: Commencement** | **Article 6: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI N°008/2016 RYO KU WA 27/04/2016 RYEMERERA *AFRICAN LEADERSHIP UNIVERSITY (ALU)* GUTANGIRA GUKORA**

**Minisitiri w'Uburezi,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 27/2013 ryo ku wa 24/05/2013 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere by'amashuri makuru, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 11;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/03/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Kwemerera ishuri rikuru gutangira gukora**

Ishuri rikuru ryigenga *African Leadership University,* ALU mu magambo ahinnye y'Icyongereza, ryemerewe gutangira gukora. kandi rihawe ubuzima gatozi.

**MINISTERIAL ORDER Nº008/2016 OF 27/04/2016 GRANTING ACCREDITATION TO AFRICAN LEADERSHIP UNIVERSITY (ALU)**

**The Minister of Education,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Law nº 27/2013 of 24/05/2013 governing the organization and functioning of higher education, especially in Article 11;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 29/03/2016;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article one</u>: Accreditation to an higher learning institution**

The private institution of higher learning, African Leadership University, abbreviated ALU in Engish, is granted accreditation and legal personality.

**ARRETE MINISTERIEL N°008/2016 DU 27/04/2016 ACCORDANT ACCREDITATION A *AFRICAN LEADERSHIP UNIVERSITY (ALU)***

**Le Ministre de l'Education,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi n° 27/2013 du 24/05/2013 portant organisation et fonctionnement de l'enseignement supérieur, spécialement en son article 11;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 29/03/2016;

**ARRETE:**

**<u>Article premier</u>: Accréditation à l'institution privée d'enseignement supérieur**

L'accréditation et la personnalité juridique sont accordées à l'institution d'enseignement supérieur, *African Leadership University*, ALU en sigle Anglais.

**Ingingo ya 2: Uhagarariye ALU mu rwego rw'amategeko**

ALU ihagarariwe imbere y'amategeko na Bwana Frederic Kenneth SWANIKER.

**Ingingo ya 3: Icyiciro ALU irimo**

ALU yemerewe gukora nk'ishuri rikuru ryigenga riri mu cyiciro cya Kaminuza.

**Ingingo ya 4: Inyigisho zitangwa na ALU**

ALU yemerewe gutanga inyigisho z'icyiciro cya gatatu cya Kaminuza mu micungire y'ubucuruzi hakoreshejwe ikoranabuhanga no guhura kwa mwarimu n'umunyeshuri.

**Ingingo ya 5: Impamyabumenyi ALU yemerewe gutanga**

ALU ihawe uburenganzira bwo gutanga Impamyabumenyi y'Icyiciro cya Gatatu mu Micungire y'Ubucuruzi.

**Ingingo ya 6: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **27/04/2016**

**Article 2: ALU legal representative**

Mr. Frederic Kenneth SWANIKER is the Legal representative of ALU.

**Article 3: Category of ALU**

ALU is permitted to operate as a private institution of higher learning falling into the category of University.

**Article 4: Teaching programs offered by ALU**

ALU offers education program of Master's in business administration through mixed mode learning.

**Article 5: Academic award offered by ALU**

ALU is authorized to issue an exit award of Master's in Business Administration.

**Article 6: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **27/04/2016**

**Article 2: Représentant légal de ALU**

Mr. Frederic Kenneth SWANIKER est le représentant légal de ALU.

**Article 3: Catégorie de ALU**

ALU est autorisée de fonctionner comme institution privée d'enseignement supérieur étant dans la catégorie d'Université.

**Article 4: Programmes d'enseignement dispensés par ALU**

ALU offre des programmes d'enseignement de niveau de Maitrise en Administration des Affaires à travers le mode d'enseignement mixte.

**Article 5: Diplôme délivré par ALU**

ALU est autorisé à délivrer le diplôme de Maitrise en Administration des Affaires.

**Article 6: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **27/04/2016**

**(sé)**
**Dr. Papias MALIMBA MUSAFIRI**
Minisitiri w'Uburezi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**Dr. Papias MALIMBA MUSAFIRI**
Minister of Education

**Seen and Sealed by the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice /Attorney General

**(sé)**
**Dr. Papias MALIMBA MUSAFIRI**
Ministre de l'Education

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI Nº003/16/10/TC RYO KU WA 19/04/2016 RIGENA UBURYO BWO GUSABA NO GUHABWA IBIGENERWA ABITEGANYIRIJE MU BWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO BUTEGETSWE**

**MINISTERIAL ORDER Nº003/16/10/TC OF 19/04/2016 DETERMINING PROCEDURES FOR APPLICATION AND MODE OF PAYMENT OF BENEFITS UNDER MANDATORY PENSION SCHEME**

**ARRETE MINISTERIEL N°003/16/10/TC DU 19/04/2016 PORTANT DETERMINATION DES MODALITES DE DEMANDE ET DE PAIEMENT DES PRESTATIONS SOUS LE REGIME DE PENSION OBLIGATOIRE**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere:** Icyo iri teka rigamije

**Ingingo ya 2:** Igisobanuro cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize

**Ingingo ya 3:** Uburyo bwo gusaba ibigenerwa uwiteganyirije

**Ingingo ya 4:** Itariki y'iyohereza ry'impapuro zisaba

**Ingingo ya 5:** Kwinjiza amakuru akubiye muri dosiye y'ubusabe muri porogarame y'ikoranabuhanga

**Ingingo ya 6:** Ibyangombwa bisabwa usaba ibigenerwa abageze mu zabukuru

**Ingingo ya 7:** Ibyangombwa bisabwa usaba pansiyo y'ubumuga cyangwa pansiyo y'imburagihe

**Ingingo ya 8:** Ibyangombwa bisabwa usaba ibigenerwa abasizwe na nyakwigendera

**Ingingo ya 9:** Uburenganzira bwo gukora iperereza

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One:** Purpose of this Order

**Article 2:** Definition of Social Security Administration

**Article 3:** Procedure for application for benefits

**Article 4:** Date of submission of the application forms

**Article 5:** Entry of the application file data into the system

**Article 6:** Documents required for application for old age pension benefits

**Article 7:** Documents required for application for invalidity or anticipated pension benefits

**Article 8:** Documents required for application for survivors' benefits

**Article 9:** Right to investigate

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Article 2:** Définition de l'Administration de la Sécurité Sociale

**Article 3:** Procédure de demande des prestations

**Article 4:** Date d'introduction de la demande de prestations

**Article 5:** Saisie de données du dossier de la demande dans le système

**Article 6:** Documents requis pour la demande de la pension de vieillesse

**Article 7:** Documents requis pour la demande de la pension d'invalidité ou de la pension anticipée

**Article 8:** Documents requis pour la demande de pension de survivants

**Article 9:** Droit à l'enquête

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Uburyo bwo kubara ibigenerwa abiteganyirije** | **Article 10: Modalities of computation of pension benefits** | **Article 10: Modalités de calcul des prestations de pension** |
| **Ingingo ya 11: Iyishyurwa ry'ibigenerwa abiteganyirije** | **Article 11: Payment of pension benefits** | **Article 11: Paiement des prestations de pension** |
| **Ingingo ya 12: Ikatwa ku bigenerwa abiteganyirije** | **Article 12: Deductions on pension benefits** | **Article 12: Retenues sur les prestations de pension** |
| **Ingingo ya 13: Guhindura konti ya banki yishyurirwaho pansiyo** | **Article 13: Change of bank payment account** | **Article 13: Changement de compte bancaire de paiement** |
| **Ingingo ya 14: Kwishyura ibihabwa uwiteganyirije binyujijwe k'umuhagarariye** | **Article 14: Payment of pension benefits to the representative of the affiliate** | **Article 14: Paiement des prestations de pension au représentant de l'affilié** |
| **Ingingo ya 15: Imenyekanisha ry'icyemezo** | **Article 15: Notification of the decision** | **Article 15: Notification de la décision** |
| **Ingingo ya 16: Ihagarikwa ry'ibigenerwa uwiteganyirije** | **Article 16: Cessation of payment of pension benefits** | **Article 16: Cessation d'octroi des prestations de pension** |
| **Ingingo ya 17: Urupfu rw'ufite uburenganzira** | **Article 17: Death of beneficiary** | **Article 17: Décès du bénéficiaire** |
| **Ingingo ya 18: Gutanga amakuru** | **Article 18: Providing information** | **Article 18: Donner l'information** |
| **Ingingo ya 19: Inyandiko zikoreshwa** | **Article 19: Forms used** | **Article 19: Formulaires utilisés** |
| **Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 20: Repealing provision** | **Article 20: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 21: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 21: Commencement** | **Article 21: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI Nº003/16/10/TC RYO KU WA 19/04/2016 RIGENA UBURYO BWO GUSABA NO GUHABWA IBIGENERWA ABITEGANYIRIJE MU BWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO BUTEGETSWE**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 05/2015 ryo ku wa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 31;

Inama y'Abaminisitiri imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena uburyo bwo gusaba no guhabwa ibigenerwa abiteganyirije mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe.

**<u>Ingingo ya 2:</u> Igisobanuro cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize**

Muri iri teka, "Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize" bisobanura Ubuyobozi Bukuru bw'ikigo cya Leta gifite ubwiteganyirize bwa pansiyo mu nshingano zacyo.

**MINISTERIAL ORDER Nº003/16/10/TC OF 19/04/2016 DETERMINING PROCEDURES FOR APPLICATION AND MODE OF PAYMENT OF BENEFITS UNDER MANDATORY PENSION SCHEME**

**The Minister of Finance and Economic Planning;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 05/2015 of 30/03/2015 governing the organization of pension scheme, especially in Article 31;

After consideration and approval by Cabinet;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines the procedures for application and mode of payment of benefits under mandatory pension scheme.

**<u>Article 2:</u> Definition of Social Security Administration**

For the purpose of this Order, "Social Security Administration" means the General Directorate of the public institution in charge of pension scheme.

**ARRETE MINISTERIEL N°003/16/10/TC DU 19/04/2016 PORTANT DETERMINATION DES MODALITES DE DEMANDE ET DE PAIEMENT DES PRESTATIONS SOUS LE REGIME DE PENSION OBLIGATOIRE**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi n° 05/2015 du 30/03/2015 régissant l'organisation des régimes de pension, spécialement en son article 31;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres;

**ARRETE:**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités de demande et de paiement des prestations sous le régime de pension obligatoire.

**<u>Article 2:</u> Définition de l'Administration de la Sécurité Sociale**

Aux fins du présent arrêté, "l'Administration de la Sécurité Sociale " signifie la Direction Générale de

l'institution publique ayant les régimes de pension dans ses attributions.

**Ingingo ya 3: Uburyo bwo gusaba ibigenerwa uwiteganyirije**

Uwiteganyirije cyangwa uwasizwe na nyakwigendera wujuje ibisabwa asabira ibigenerwa uwiteganyirije ku ishami rimwegereye ry'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize akoresheje impapuro zabugenewe zitangwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.

Icyakora, umuntu uri hanze y'igihugu ashobora kohereza impapuro zisaba ibigenerwa abiteganyirije ziriho umukono na kashi bya Ambasade cyangwa Konsila y'u Rwanda, hakoreshejwe ikoranabuhanga cyangwa iposita.

Ku muntu udashobora kugera ku biro by'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bitewe n'ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, impapuro zisaba zitangwa n'umuhagarariye yabihereye uburenganzira bwanditse buriho umukono na kashi by'Ubuyobozi bw'aho atuye bubifitiye ububasha.

Ku muntu uri mu kigo cy'imfungwa cyangwa ikigo ngororamuco, uburenganzira bwanditse bwo gusaba ibigenerwa uwiteganyirije bugomba gushyirwaho umukono na kashi by'ubuyobozi bw'icyo kigo.

**Article 3: Procedure for application for benefits**

An affiliate or any surviving beneficiary who fulfills the requirements applies for pension benefits to the nearest branch Office of the Social Security Administration by filling in forms prescribed by the Social Security Administration.

However, a person who is outside the country may submit his/her application forms duly signed and stamped by Rwandan Embassy or Consulate either electronically or by post.

For a person who is unable to go to the Office of the Social Security Administration due to physical or mental disability, application forms are submitted by his/her representative with written proxy signed and stamped by the competent authority of his/her residence.

For a person who is in a correctional or a rehabilitation center, the administration of the center signs and stamps the written proxy of application for pension benefits.

**Article 3: Procédure de demande des prestations**

L'affilié ou son ayant droit survivant qui remplit les conditions d'éligibilité aux prestations de pension introduit sa demande à la branche la plus proche de l'Administration de la Sécurité Sociale, en remplissant les formulaires prescrits par l'Administration de la Sécurité Sociale.

Cependant, une personne se trouvant à l'étranger peut introduire sa demande dûment signée et cachetée par l'Ambassade ou le Consulat du Rwanda, auprès de l'Administration de la Sécurité Sociale par voie électronique ou par poste.

La demande d'une personne se trouvant dans l'impossibilité de se rendre à la branche de l'Administration de la Sécurité Sociale en raison d'une incapacité physique ou mentale, est introduite par son représentant muni d'une procuration dûment signée et cachetée par l'autorité compétente du lieu de sa résidence.

Pour une personne se trouvant dans un centre correctionnel ou de réhabilitation, la procuration de demande des prestations de pension doit être signée et cachetée par l'administration dudit centre.

**Ingingo ya 4: Itariki y'iyohereza ry'impapuro zisaba**

Itariki impapuro zisaba ibigenerwa abiteganyirije zashyikirijwe Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize ni yo ifatwa nk'itariki izo nyandiko zakiriweho.

**Ingingo ya 5: Kwinjiza amakuru akubiye muri dosiye y'ubusabe muri porogarame y'ikoranabuhanga**

Iyo inyandiko isaba ibigenerwa abiteganyirije imaze kwakirwa, umukozi w'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize yinjiza amakuru akubiye mu busabe muri porogaramu y'ikoranabuhanga igahita itanga nomero ya dosiye.

Usaba ibigenerwa abiteganyirije hamwe n'umukozi w'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bashyira umukono ku nyandiko y'ubusabe igizwe na kopi eshatu (3) z'umwimerere, imwe (1) igenewe usaba, izindi ebyiri (2) zikagenerwa ishami n'ibiro bikuru by'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.

**Ingingo ya 6: Ibyangombwa bisabwa usaba ibigenerwa abageze mu zabukuru**

Inyandiko isaba pansiyo y'izabukuru iherekezwa n'ibyangombwa bikurikira:

1° icyemezo cy'amavuko cy'usaba;

2° fotokopi y'indangamuntu ;

**Article 4: Date of submission of the application forms**

The date of submission of the application forms for benefits to Social Security Administration is considered as the date of receipt of the forms.

**Article 5: Entry of the application file data into the system**

In case the application form for pension benefits is received, the Social Security Administration officer enters the application data into the electronic system which automatically issues a file number.

The applicant for benefits and the officer of Social Security Administration both sign the application form established in three (3) original copies, and one (1) copy provided to the applicant and the other two (2) for the Branch office and the Head Office of the Social Security Administration respectively.

**Article 6: Documents required for application for old age pension benefits**

Any application for old age pension benefits is accompanied with the following documents:

1° a birth certificate of the applicant;

2° a copy of the identity card;

**Article 4: Date d'introduction de la demande de prestations**

La date d'introduction de la demande de prestations de pension à l'Administration de la Sécurité Sociale est considérée comme la date de réception de la demande.

**Article 5: Saisie de données du dossier de la demande dans le système**

Dès la réception de la demande de prestations de pension, l'agent de l'Administration de la Sécurité Sociale saisit les données dans le système informatique qui génère automatiquement un numéro du dossier.

Le demandeur de prestations et l'agent de l'Administration de la Sécurité Sociale signent le formulaire de demande établi en trois (3) exemplaires originaux réservés, l'un (1) au demandeur, les deux (2) autres à la branche et au siège de l'Administration de la Sécurité Sociale.

**Article 6: Documents requis pour la demande de la pension de vieillesse**

La demande de prestations de pension de vieillesse est accompagnée des documents suivants:

1° une attestation de naissance du demandeur ;

2° une photocopie de la carte d'identité;

3° icyemezo cy'irangiza ry'akazi, mu gihe ari ngombwa ;

4° icyemezo cy'uko usaba ariho gitangwa mu ntangiriro ya buri mwaka usanzwe.

**Ingingo ya 7: Ibyangombwa bisabwa usaba pansiyo y'ubumuga cyangwa pansiyo y'imburagihe**

Inyandiko isaba pansiyo y'ubumuga cyangwa isaba pansiyo y'imburagihe iherekezwa n'ibyangombwa bikurikira:

1° icyemezo cy'amavuko cy'usaba;

2° raporo ya muganga ku buzima bw'usaba;

3° inyandiko itangwa n'umukoresha igaragaza impamvu y'irangiza ry'akazi;

4° icyemezo cy'uko usaba ariho gitangwa mu ntangiriro za buri mwaka usanzwe.

**Ingingo ya 8: Ibyangombwa bisabwa usaba ibigenerwa abasizwe na nyakwigendera**

Usibye icyemezo cy'uko umuntu usaba ariho n'icyemezo cy'uko uwiteganyirije yapfuye, ibindi byangombwa bitangwa mu buryo bukurikira:

1° umupfakazi atanga:

3° an end of career certificate, where necessary;

4° a life certificate submitted at the beginning of every calendar year.

**Article 7: Documents required for application for invalidity or anticipated pension benefits**

An application for invalidity pension benefits or anticipated pension benefits is accompanied with the following documents:

1° a birth certificate of the applicant;

2° a medical report on health status of the applicant;

3° a document delivered by the employer indicating the reason for employment termination;

4° a life certificate submitted at the beginning of every calendar year.

**Article 8: Documents required for application for survivors' benefits**

In addition to life certificate of the applicant and death certificate of the deceased affiliate, other documents to apply for survivor's benefits are submitted as follows:

1° a widow/widower submits:

3° une attestation de fin de carrière, si nécessaire;

4° une attestation de vie présentée au début de chaque année civile.

**Article 7: Documents requis pour la demande de la pension d'invalidité ou de la pension anticipée**

La demande des prestations de pension d'invalidité ou de pension anticipée est accompagnée des documents suivants:

1° une attestation de naissance du demandeur;

2° un rapport médical sur l'état de santé du demandeur;

3° un document délivré par l'employeur indiquant les motifs de cessation d'emploi;

4° une attestation de vie présentée en début de chaque année civile.

**Article 8: Documents requis pour la demande de pension de survivants**

En plus de l'attestation de vie du demandeur et l'attestation de décès de l'affilié, les documents requis sont présentés comme suit :

1° une veuve / un veuf présente:

a) icyemezo cy'uko yashyingiranywe na nyakwigendera;

b) icyemezo cy'uko ari ingaragu gitangwa buri ntangiriro z'umwaka usanzwe.

2° imfubyi itanga:

a) icyemezo cy'amavuko;

b) kopi y'urubanza rugira nyakwigendera umubyeyi w'umwana ataramubyaye cyangwa urwemeza ko ari se cyangwa nyina, iyo bibaye ngombwa;

c) icyemezo cy'uko imfubyi yiga mu gihe ifite hagati y'imyaka cumi n'umunani (18) na makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko;

d) icyemezo cy'uko imfubyi ari ingaragu mu gihe irengeje imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko, gitangwa mu ntangiriro za buri mwaka;

e) icyemezo cya muganga ku mfubyi ifite imyaka irenze cumi n'umunani (18) y'amavuko ifite ubumuga buhoraho bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe;

f) fotokopi y'indangamuntu y' umubyeyi mu gihe asabira umwana utarageza imyaka y'ubukure;

a) a certificate of his/her marriage with the deceased;

b) a certificate of celibacy of the applicant submitted at the beginning of every calendar year.

2° an orphan submits:

a) a birth certificate;

b) a copy of judgement of adoption or a copy of judgment declaring paternity/maternity, where applicable;

c) school certificate for an orphan aged between eighteen (18) and twenty-five (25) years;

d) a certificate of celibacy for an orphan aged above twenty-one (21) years, submitted at the beginning of every calendar year;

e) a medical certificate for an orphan aged above eighteen (18) years with permanent physical or mental disability;

f) a copy of the surviving parent's identity card in case he/she is applying on behalf of the minor child;

a) attestation de son mariage avec le défunt;

b) attestation de célibat présentée au début de chaque année civile.

2° un orphelin présente:

a) une attestation de naissance;

b) une copie du jugement d'adoption ou du jugement déclaratif de paternité/maternité, le cas échéant ;

c) attestation de scolarité pour l'orphelin âgé entre dix-huit (18) et vingt-cinq (25) ans ;

d) attestation de célibat pour l'orphelin âgé de plus de vingt et un (21) ans, présentée au début de chaque année civile ;

e) attestation médicale pour l'orphelin âgé de plus de dix-huit (18) ans souffrant d'une incapacité physique ou mentale permanente ;

f) photocopie de la carte d'identité du parent survivant dans le cas où ce dernier introduit la demande au nom de l'enfant mineur;

g) icyemezo cy'urukiko gishyiraho umwishingizi na fotokopi y'indangamuntu y'umwishingizi iyo asabira umwana utarageza imyaka y'ubukure.

3° Umubyeyi wa nyakwigendera atanga:

a) icyemezo cy'amavuko cyangwa urubanza rumugira umubyeyi wa nyakwigendera ataramubyaye ;

b) fotokopi y'indangamuntu y'umubyeyi usaba;

c) icyemezo cy'uko nyakwigendera yapfuye ari ingaragu.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Uburenganzira bwo gukora iperereza**

Mu gihe hari ugushidikanya ku cyemezo icyo ari cyo cyose mu byavuzwe mu ngingo ya 6, iya 7 n'iya 8 z'iri teka, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bushobora gukora iperereza rigamije kugenzura ukuri kw'icyo cyemezo cyatanzwe.

**<u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bwo kubara ibigenerwa abiteganyirije**

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bukimara kwakira inyandiko y'ubusabe, buhita bubara ibigenerwa abiteganyirije bushingiye ku ihinategeko riteganywa n'Itegeko.

g) a guardianship court order and a copy of the identity card of the guardian applying on behalf of a minor child.

3° A surviving parent submits:

a) a birth certificate or adoption judgment of the deceased person;

b) a copy of the identity card of the applicant's parent;

c) a certificate of celibacy of the deceased person.

**<u>Article 9</u>: Right to investigate**

In case of doubt on any documents referred to in Articles 6, 7 and 8 of this Order, the Social Security Administration may carry out investigations to ascertain the authenticity of the document provided.

**<u>Article 10</u>: Modalities of computation of pension benefits**

Upon receipt of the application file, the Social Security Administration proceeds to benefits computation based on formula set forth by the law.

g) une ordonnance juridictionnelle de tutelle et une photocopie de la carte d'identité du tuteur lorsque ce dernier introduit la demande au nom de l'enfant mineur.

3° Le parent survivant présente:

a) une attestation de naissance ou copie du jugement d'adoption du défunt;

b) une photocopie de la carte d'identité du parent demandeur;

c) une attestation de célibat du défunt.

**<u>Article 9</u>: Droit à l'enquête**

En cas de suspicion sur l'un ou l'autre des documents mentionnés aux articles 6, 7 et 8 du présent arrêté, l'Administration de la Sécurité Sociale peut mener une enquête pour s'assurer de l'authenticité du document fourni.

**<u>Article 10</u>: Modalités de calcul des prestations de pension**

Dès la réception du dossier de demande, l'Administration de la Sécurité Sociale procède au calcul des prestations sur base d'une formule prévue par la loi.

**<u>Ingingo ya 11:</u> Iyishyurwa ry'ibigenerwa abiteganyirije**

Ibigenerwa abageze mu zabukuru, abagize ubumuga, abageze mu zabukuru imburagihe n'abasizwe na nyakwigendera byishyurwa buri kwezi mu mpera z'ukwezi bigomba gutangwamo. Buri mubare w'amafaranga y'ukwezi urongerwa ukagera ku binyacumi.

Amafaranga atangwa ingunga imwe yishyurwa rimwe gusa mu bihe biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Pansiyo cyangwa amafaranga atangwa ingunga imwe byishyurwa mu mafaranga y'u Rwanda binyujijwe kuri konti ifunguye muri Banki iri mu Rwanda yagaragajwe mu nyandiko isaba cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bwo kwishyura bwemewe.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Ikatwa ku bigenerwa abiteganyirije**

Ikatwa iryo ari ryo ryose ryemewe n'amategeko ku bigenerwa abiteganyirije rikurikiza ibipimo ntarengwa byashyizweho n'itegeko kandi rimenyeshwa uwo rireba mu nyandiko.

Icyakora, iyo habaye uburiganya bugaragara kugira ngo umuntu ahabwe amafaranga, yishyurwa hakuwemo ayo yariganyije nta zindi mpaka.

**<u>Article 11</u>: Payment of pension benefits**

Pension benefits for the old, invalidity, anticipated and survivors' pension are paid on a monthly basis at the end of the calendar month to which they are due. Each monthly amount is rounded to the nearest tenth.

Lump sum pension benefits are paid once to the applicant within the time limit set in Paragraph One of this Article.

Pension or lump sum benefits are paid in local currency through a bank account opened in Rwanda and indicated on the application form or through any other authorized method of payment.

**<u>Article 12</u>: Deductions on pension benefits**

Any deduction legally authorized on pension benefits is done within the limits fixed by the law and communicated in writing to the beneficiary.

However, in case of duly proven fraud to obtain benefits, compensation is made without restriction.

**<u>Article 11</u>: Paiement des prestations de pension**

Les prestations de pension de vieillesse, d'invalidité, de survivants et de la pension anticipée sont payées mensuellement à la fin de chaque mois civil pour lequel elles sont dues. Chaque montant mensuel est arrondi à la dizaine de francs supérieure.

Les allocations uniques sont payées une seule fois au demandeur dans le délai fixé à l'alinéa premier du présent article.

Les prestations de pension ou allocations uniques sont payées en monnaie locale et versées sur un compte bancaire ouvert au Rwanda et indiqué sur le formulaire de la demande ou par tout autre mode de paiement autorisé.

**<u>Article 12:</u> Retenues sur les prestations de pension**

Les déductions légalement autorisées sur les prestations de pension sont effectuées dans les limites légales et communiquées par écrit au bénéficiaire.

Toutefois, en cas de fraude pour l'obtention des prestations dûment prouvée, la compensation s'opère sans restriction.

**Ingingo ya 13: Guhindura konti ya banki yishyurirwaho pansiyo**

Iyo ugenerwa ibihabwa abiteganyirije ahinduye konti ya banki yishyurirwaho pansiyo agomba kubimenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize, iherekezwa n'icyemezo cy'uko nta mwenda afitiye banki avuyemo mu gihe Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bwamuhaye icyemezo cy'uko ahabwa pansiyo.

**Ingingo ya 14: Kwishyura ibihabwa uwiteganyirije binyujijwe k'umuhagarariye**

Ibigenerwa uwiteganyirije udafite ubushobozi mu rwego rw'amategeko byishyurwa umuhagarariye wemewe n'amategeko.

Mu gihe ugenewe ibihabwa abiteganyirije afite impamvu ziteganywa mu ngingo ya 3 y'iri teka, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize buyanyuza kuri konti y' umuhagarariye cyangwa bugakoresha ubundi buryo bwo kwishyura bwemewe hagaragajwe inyandiko itanga uburenganzira iriho umukono hakurikijwe uburyo buteganyijwe muri iyo ngingo.

**Ingingo ya 15: Imenyekanisha ry'icyemezo**

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bumenyesha mu nyandiko mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uhereye itariki inyandiko isaba ibigenerwa uwiteganyirije yakiriweho, icyemezo cyemera cyangwa gihakana ibisabwa bubinyujije ku ishami ryabwo, iposita cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Article 13: Change of bank payment account**

In case the beneficiary changes the bank payment account, he/she must inform the Social Security Administration in writing accompanied by a clearance certificate from the previous Bank in case the insured was issued a beneficiary certificate from the Social Security Administration.

**Article 14: Payment of pension benefits to the representative of the affiliate**

Benefits granted to the affiliate who has no legal capacity are paid to his/her legal representative.

If the beneficiary is under circumstances mentioned in Article 3 of this Order, the Social Security Administration deposits the pension benefits to the account of his/her representative or uses any other method of payment authorized in writing signed in accordance with the modalities stated in the same Article.

**Article 15: Notification of the decision**

The Social Security Administration notifies within sixty (60) days of receipt of an application for pension benefits a formal decision granting or rejecting the requested benefits through its nearest branch Office, postage or through electronic means.

**Article 13: Changement de compte bancaire de paiement**

Au cas où le bénéficiaire change de compte bancaire de paiement, il doit le communiquer à l'administration de la Sécurité Sociale par écrit accompagné d'une attestation de non créance de la Banque précédente dans le cas où le bénéficiaire aurait reçu de l'Administration de la Sécurité Sociale un certificat de bénéficiaire.

**Article 14: Paiement des prestations de pension au représentant de l'affilié**

Les prestations de pension allouées à un affilié juridiquement incapable sont payées à son représentant légal.

Pour un bénéficiaire se trouvant dans les circonstances prévues à l'article 3 du présent arrêté, l'Administration de la Sécurité Sociale verse les prestations de pension au compte de son représentant ou utilise tout autre mode de paiement autorisé sur présentation d'une procuration signée selon les modalités énoncées au même article.

**Article 15: Notification de la décision**

L'Administration de la Sécurité Sociale notifie par écrit, dans les soixante (60) jours suivant la réception de la demande de prestations de pension, sa décision formelle d'octroi ou de refus des prestations demandées, par le bureau de sa branche la plus proche, par poste ou par voie électronique.

Icyemezo cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize cyemera itangwa ry'ibigenerwa abiteganyirije kigaragaza ibi bikurikira:

1° amazina y'uwiteganyirije na nomero ye;

2° amazina yombi y'ugenewe ibihabwa abiteganyirije;

3° ubwoko bw'ibigenerwa uwiteganyirije bitangwa;

4° inomero ya dosiye;

5° ingano y'ibigenerwa uwiteganyirije bitangwa;

6° itariki ibigenerwa uwiteganyirije bitangira gutangwaho;

7° itariki dosiye yasubiriwemo igihe ari ngombwa;

8° uburyo ibigenerwa uwiteganyirije byishyurwa na konti byishyurirwaho;

9° inshuro ibigenerwa uwiteganyirije byishyurwa, mu gihe ari ngombwa.

Icyemezo gihakana itangwa ry'ibigenerwa uwiteganyirije gikubiyemo ibi ibikurikira:

1° amazina y'uwiteganyirije n'inomero ye;

The decision of the Social Security Administration granting the pension benefits specifies the following information:

1° names of the affiliate and his/her registration number;

2° names of the beneficiary;

3° nature of the pension benefits granted;

4° file number;

5° amount of pension benefits granted;

6° effective date of pension benefits payment;

7° review date of the file, where necessary;

8° mode and account of payment of pension benefits;

9° payment frequency of pension benefits, where applicable.

The decision rejecting the requested pension benefits includes the following information:

1° names of the affiliate and his/her registration number;

La décision de l'Administration de la Sécurité Sociale octroyant les prestations contient les informations suivantes:

1° noms de l'affilié et son numéro d'affiliation;

2° noms du bénéficiaire;

3° nature des prestations de pension accordées;

4° numéro du dossier;

5° montant des prestations de pension accordées;

6° date effective de paiement des prestations de pension;

7° date de révision du dossier, si nécessaire;

8° mode et compte de paiement des prestations de pension ;

9° fréquence de paiement des prestations de pension, le cas échéant.

La décision de refus des prestations de pension demandées contient les informations suivantes:

1° nom de l'affilié et son numéro d'affiliation;

2° amazina y'usaba;

3° ubwoko bw'ibigenerwa uwiteganyirije bihakanwe;

4° inomero ya dosiye;

5° impamvu zisobanura ihakanwa ry'ibigenerwa uwiteganyirije;

6° inzira z'ubujurire.

**Ingingo ya 16: Ihagarikwa ry'ibigenerwa uwiteganyirije**

Ibigenerwa abageze mu zabukuru, abagize ubumuga, abagiye mu zabukuru imburagihe n'abasizwe n'uwiteganyirije bihagarara gutangwa kuva ku munsi wa mbere w'ukwezi gukurukira umunsi usaba atacyujuje ibisabwa cyangwa atubahirije ibiteganywa n'itegeko.

Amafaranga ya pansiyo yongera gutangwa igihe ugenewe ibihabwa abiteganyirije yongeye kuzuza ibisabwa cyangwa yubahirije ibisabwa n'itegeko kandi yishyurwa ibirarane byose.

**Ingingo ya 17: Urupfu rw'ufite uburenganzira**

Igihe ugenewe ibihabwa abiteganyirije apfuye, amafaranga yagombaga guhabwa ahabwa abo asize babifitiye uburenganzira bagaragaje ibyangombwa bisabwa.

2° names of the applicant;

3° nature of the pension benefits rejected;

4° file number;

5° reasons justifying rejection of the pension benefits;

6° appeal procedures.

**Article 16: Cessation of payment of pension benefits**

Old age pension, invalidity pension, anticipated and survivors' pensions cease to be allocated from the first day of the month following loss of eligibility by the applicant or the day of failure to comply with the requirements prescribed by the law.

Pension benefits resume when the beneficiary fulfills again the eligibility conditions or has complied with the requirements, and all due arrears are paid to her/him.

**Article 17: Death of beneficiary**

In case of death of a beneficiary, all due benefits are paid to the eligible survivors upon presentation of required documents.

2° nom et prénom du demandeur;

3° nature des prestations de pension refusées;

4° numéro du dossier;

5° raisons du refus des prestations de pension;

6° procédures d'appel.

**Article 16: Cessation d'octroi des prestations de pension**

Les pensions de vieillesse, les pensions d'invalidité, les pensions anticipées et les pensions de survivants cessent d'être octroyées dès le premier jour du mois suivant la perte des conditions d'éligibilité ou la non-conformité aux exigences prescrites par la loi.

Les pensions reprennent cours lorsque le bénéficiaire remplit de nouveau les conditions d'éligibilité ou se conforme aux exigences prescrites et tous les arriérés des prestations lui sont versés.

**Article 17: Décès du bénéficiaire**

En cas de décès du bénéficiaire, toutes les prestations qui lui sont dues sont versées aux survivants éligibles sur présentation des documents requis.

**Ingingo ya 18: Gutanga amakuru**

Umukoresha atanga amakuru ya ngombwa yerekeranye n'akazi k'uwiteganyirije iyo abisabwe n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.

**Ingingo ya 19: Inyandiko zikoreshwa**

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize butegura inyandiko zose zisabwa muri iri teka kandi bugashyiraho uburyo abagenewe ibihabwa abiteganyirije bazibona ku mashami yabwo cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho**.**

**Ingingo ya 21: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **19/04/2016**

**Article 18: Providing information**

Any employer, upon request by the Social Security Administration, provides any necessary information relating to the affiliate's employment.

**Article 19: Forms used**

The Social Security Administration issues and make accessible to beneficiaries various forms required under this Order through its branch offices or electronically.

**Article 20: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 21: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **19/04/2016**

**Article 18: Donner l'information**

L'employeur, sur demande de l'Administration de la Sécurité Sociale, fournit toute information nécessaire relative à l'emploi de l'affilié.

**Article 19: Formulaires utilisés**

L'Administration de la Sécurité Sociale établit et met à la disposition des bénéficiaires les différents formulaires prescrits par le présent arrêté, à travers ses branches ou par voie électronique.

**Article 20: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 21: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **19/04/2016**

**(sé)**
**GATETE Claver**
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**GATETE Claver**
Minister of Finance and Economic Planning

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**GATETE Claver**
Ministre des Finances et de la Planification Economique

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI Nº 004/16/10/TC RYO KU WA 19/04/2016 RIGENA UBURYO BWO KWIYANDIKISHA MU BWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO BUTEGETSWE**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize**

**UMUTWE WA II: UKWIYANDIKISHA GUTEGETSWE**

**Ingingo ya 3: Iyandikwa ry'umukoresha**

**Ingingo ya 4: Imenyekanisha ry'impinduka**

**Ingingo ya 5: Iyandikwa ry'abakozi**

**UMUTWE WA III: KUBA UMUNYAMURYANGO KU BUSHAKE MU BWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO BUTEGETSWE**

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo kwiyandikisha**

**Ingingo ya 7: Ubusabe bw'umuntu uba mu mahanga**

**MINISTERIAL ORDER Nº 004/16/10/TC OF 19/04/2016 DETERMINING MODALITIES OF REGISTRATION WITH MANDATORY PENSION SCHEME**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definition of Social Security Administration**

**CHAPTER II: MANDATORY REGISTRATION**

**Article 3: Employer's registration**

**Article 4: Notification of changes**

**Article 5: Registration of employees**

**CHAPTER III: VOLUNTARY MEMBERSHIP UNDER MANDATORY PENSION SCHEME**

**Article 6: Registration process**

**Article 7: Application by a foreign resident**

**ARRETE MINISTERIEL Nº 004/16/10/TC DU 19/04/2016 DETERMINANT LES MODALITES D'ENREGISTREMENT AU REGIME DE PENSION OBLIGATOIRE**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définition de l'Administration de la Sécurité Sociale**

**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT OBLIGATOIRE**

**Article 3: Enregistrement de l'employeur**

**Article 4: Notification des changements**

**Article 5: Enregistrement des employés**

**CHAPITRE III: AFFILIATION VOLONTAIRE AU REGIME DE PENSION OBLIGATOIRE**

**Article 6: Procédure d'affiliation**

**Article 7: Demande d'une personne résidant à l'étranger**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Igena ry'ishingiro ry'umusanzu** | **Article 8: Determination of the base of the contribution** | **Article 8: Détermination de l'assiette de cotisation** |
| **Ingingo ya 9: Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'imisanzu** | **Article 9: Declaration and payment of contributions** | **Article 9: Déclaration et paiement des Cotisations** |
| **Ingingo ya 10: Ukurangira ko kuba uwiteganyirije ku bushake** | **Article 10: Termination of voluntary membership** | **Article 10: Cessation d'affiliation à l'assurance volontaire** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 11: Imicungire y'imisanzu** | **Article 11: Contributions management** | **Article 11: Gestion des cotisations** |
| **Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 12: Repealing provision** | **Article 12: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 13: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 13: Commencement** | **Article 13: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI Nº 004/16/10/TC RYO KU WA 19/04/2016 RIGENA UBURYO BWO KWIYANDIKISHA MU BWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO BUTEGETSWE**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi**;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 05/2015 ryo ku wa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5 n'iya 6;

Inama y'Abaminisitiri imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**__UMUTWE WA MBERE__: INGINGO RUSANGE**

**__Ingingo ya mbere__: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena uburyo bwo kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe.

**MINISTERIAL ORDER Nº 004/16/10/TC OF 19/04/2016 DETERMINING MODALITIES OF REGISTRATION WITH MANDATORY PENSION SCHEME**

**The Minister of Finance and Economic Planning;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 05/2015 of 30/03/2015 governing the organization of pension schemes, especially in Articles 5 and 6;

After consideration and approval by the Cabinet**;**

**HEREBY ORDERS:**

**__CHAPTER ONE__: GENERAL PROVISIONS**

**__Article One__: Purpose of this Order**

This Order determines the modalities of registration with mandatory pension scheme.

**ARRETE MINISTERIEL Nº 004/16/10/TC DU 19/04/2016 DETERMINANT LES MODALITES D'ENREGISTREMENT AU REGIME DE PENSION OBLIGATOIRE**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi n° 05/2015 du 30/03/2015 régissant l'organisation des régimes de pension, spécialement en ses articles 5 et 6;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres;

**ARRETE:**

**__CHAPITRE PREMIER__: DISPOSITIONS GENERALES**

**__Article premier__: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités d'enregistrement au régime de pension obligatoire.

**Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize**

Muri iri teka, "Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize" bisobanura Ubuyobozi Bukuru bw'ikigo cya Leta gifite ubwiteganyirize bwa pansiyo mu nshingano zacyo.

**UMUTWE WA II: UKWIYANDIKISHA GUTEGETSWE**

**Ingingo ya 3: Iyandikwa ry'umukoresha**

Umukoresha yiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe yifashishije ifishi yabugenewe mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira itariki umukoresha yahereyeho umukozi wa mbere akazi.

Ifishi isaba kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe yuzuzwa uko bisabwa, igashyirwaho itariki yujurijweho n'umukono w'umukoresha cyangwa umuhagarariye.

Ifishi isaba kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe yohererezwa Ubuyobozi bw'ubwiteganyirize binyujijwe mu ishami ryabwo riri hafi cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Ikigo gifite amashami menshi, inzego, udushami, za biro, ububiko, amangazini, byaba bikorera ahantu hamwe cyangwa ahantu hatandukanye, bifatwa nk'umukoresha umwe ku bw'iri teka.

**Article 2: Definition of Social Security Administration**

For the purpose of this Order, "Social Security Administration" means the General Directorate of the public institution in charge of pension scheme.

**CHAPTER II: MANDATORY REGISTRATION**

**Article 3: Employer's registration**

Every employer applies for registration with the mandatory pension scheme by a prescribed form, within seven (7) working days following the date of employment of the first employee.

The application form for registration with the mandatory pension scheme is duly completed, dated and signed by the employer or his/her representative.

The application form for registration with the mandatory pension is submitted to the Social Security Administration through its nearest branch or by electronic means.

For purposes of this Order, an institution which consists of several branches, departments, sections, sub-offices, depots, stores, whether situated in the same place or in different places, is considered as one employer.

**Article 2: Définition de l'Administration de la Sécurité Sociale**

Aux fins du présent arrêté, "l'Administration de la Sécurité Sociale " signifie la Direction Générale de l'institution publique ayant le régime de pension dans ses attributions.

**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT OBLIGATOIRE**

**Article 3: Enregistrement de l'employeur**

Chaque employeur introduit sa demande d'enregistrement au régime de pension obligatoire, en utilisant un formulaire prescrit, dans les sept (7) jours ouvrables suivant la date d'engagement du premier employé.

La fiche de demande d'enregistrement au régime de pension obligatoire est dûment complétée, datée et signée par l'employeur ou son représentant.

La fiche de demande d'enregistrement au régime de pension obligatoire est envoyée à l'Administration de la Sécurité Sociale à travers sa branche la plus proche ou par voie électronique.

Lorsqu'une institution est composée de plusieurs branches, départements, sections, sous-bureaux, dépôts, magasins, qu'ils soient situés dans le même lieu ou dans des lieux différents, elle est considérée comme un seul employeur aux fins du présent arrêté.

Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwo kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bumenyesha umukoresha nomero bwamuhaye mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi uhereye umunsi inyandiko isaba yakiriweho.

**<u>Ingingo ya 4:</u> Imenyekanisha ry'impinduka**

Buri mukoresha amenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize impinduka iyo ari yo yose ya ngombwa yabaye ku kigo harimo aho abarizwa n'imiterere y'umurimo mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira itariki impinduka yabereyeho.

Umukoresha uhagaritse by'agateganyo cyangwa burundu ibikorwa bye agomba kubimenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yahagarikiye ibikorwa bye by'agateganyo cyangwa burundu.

Nyuma yo gusuzuma inyandiko imenyesha ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize buhagarika by'agateganyo cyangwa burundu inomero y'umukoresha.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Iyandikwa ry'abakozi**

Iyo umukozi uhawe akazi adasanganywe inomero y'ubwiteganyirize, umukoresha agomba kumwandikisha yuzuza inyandiko yabugenewe ashyikiriza Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe

After consideration of the application for registration with the mandatory pension scheme, the Social Security Administration issues and communicates to the employer its registration number within seven (7) working days from the date of reception of the application.

**<u>Article 4</u>: Notification of changes**

Each employer notifies the Social Security Administration in writing, of any necessary change including contact address and the nature of activities within seven (7) working days from the date of the change.

An employer who suspends or ceases its activities must, in writing, notify the Social Security Administration within fifteen (15) working days from the date of suspension or cessation of activities.

After verification of the notification referred to in Paragraph 2 of this Article, the Social Security Administration proceeds to the suspension or closure of the employer's registration number.

**<u>Article 5</u>: Registration of employees**

If a new employee does not have a registration number, the employer is required to make him/her registered by filling the appropriate form and submitting it to the Social Security Administration

Après examen de la demande d'enregistrement au régime de pension obligatoire, l'Administration de la Sécurité Sociale délivre et communique à l'employeur son numéro d'immatriculation endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande.

**<u>Article 4</u>: Notification des changements**

L'employeur communique à l'Administration de la Sécurité Sociale par écrit tout changement nécessaire survenu à l'entreprise y compris l'adresse de contact et la nature d'activités, dans sept (7) jours ouvrables qui suivent la date du changement.

Un employeur qui suspend ou cesse ses activités doit le communiquer par écrit à l'Administration de la Sécurité Sociale dans quinze (15) jours qui suivent la suspension ou la cessation des activités.

Après vérification de la notification visée à l'alinéa 2 du présent article, l'Administration de la Sécurité Sociale procède à la suspension ou radiation du numéro d'immatriculation de l'employeur.

**<u>Article 5</u>: Enregistrement des employés**

Lorsqu'un nouvel employé n'a pas de numéro d'affiliation, l'employeur est tenu d'établir la demande d'affiliation de cet employé par un formulaire prescrit à cet effet et le soumettre à

cy'iminsi irindwi (7) ikurikira umunsi yamuhereyeho akazi.

Nyuma yo gusuzuma inyandiko yujujwe n'umukoresha ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bubinyujije ku mukoresha, bumenyesha umukozi inomero ye mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye umunsi inyandiko isaba yakiriweho.

Umukozi agomba kubika inomero ye y'ubwiteganyirize mu gihe cyose akiri mu kazi.

**UMUTWE WA III: KUBA UMUNYAMURYANGO KU BUSHAKE MU BWITEGANYIRIZE BWA PANSIYO BUTEGETSWE**

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo kwiyandikisha**

Umukozi wari usanzwe mu bwiteganyirize bwa pansiyo utacyujuje ibyangombwa bimugumisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe ushaka gukomeza kwiteganyiriza muri ubwo bwiteganyirize, cyangwa umuntu wikorera utigeze aba mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe ushaka kwiteganyiriza muri ubwo bwiteganyirize mu gihe atarengeje imyaka mirongo itanu (50) y'amavuko, ageza ubusabe bwe ku buyobozi bw'Ubwiteganyirize binyujijwe ku biro byabwo bimwegereye, cyangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

within seven (7) days of the employment of the employee.

After consideration of the application form referred to in Paragraph one of this Article, the Social Security Administration through the employer, issues and communicates to the employee his/her registration number within seven (7) working days from the date of receipt of the application.

The employee must keep his/her social security registration number throughout his/her career.

**CHAPTER III: VOLUNTARY MEMBERSHIP UNDER MANDATORY PENSION SCHEME**

**Article 6: Registration process**

Any former employee who no longer meets conditions required for maintaining affiliation under mandatory pension scheme and who intends to remain an affiliate of the scheme, or, any self-employed person who has never been a affiliate of the mandatory pension scheme and who intends to join the scheme adresses his/her application to the Social Security Administration through its nearest branch office or by electronic means provided he/she is not above fifty (50) years of age.

l'Administration de la Sécurité Sociale dans sept (7) jours qui suivent la date d'engagement de cet employé.

Après examen du formulaire de demande rempli par l'employeur visé à l'alinéa premier du présent article, l'Administration de la Sécurité Sociale à travers l'employeur, délivre et communique à l'employé son numéro d'affiliation endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande.

L'employé doit garder son numéro d'affiliation tout le long de sa carrière.

**CHAPITRE III: AFFILIATION VOLONTAIRE AU REGIME DE PENSION OBLIGATOIRE**

**Article 6: Procédure d'affiliation**

Tout ancien employé ne remplissant plus les conditions requises pour demeurer affilié au régime de pension obligatoire et qui voudrait rester affilié à ce régime, ainsi que tout travailleur indépendant qui n'a jamais été affilié au régime de pension obligatoire et voulant être affilié à ce régime, adresse sa demande à l'Administration de la Sécurité Sociale à travers sa branche la plus proche ou par voie électronique pourvu que ce travailleur soit âgé de cinquante (50) ans au plus.

Ubusabe bwo kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe bwuzuzwa ku mpapuro zabugenewe zitangwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.

Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwo kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bumenyesha uwasabye icyemezo cyabwo mu minsi irindwi (7) y'akazi uhereye igihe ubusabe bwakiriwe. Iyo uwasabye atemerewe, icyemezo gihakana kigomba gusobanura impamvu zashingiweho.

Iyo uwasabye kwiyandikisha mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe yujuje ibisabwa, ubuyobozi bw'ubwiteganyirize bumuha inomero y'ubwiteganyirize bukanayimumenyesha. Icyakora, uwari usanzwe yanditse agumana inomero yari asanganywe yahawe yandikwa bwa mbere.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Ubusabe bw'umuntu uba mu mahanga**

Ibisabwa umuntu uba mu mahanga ushaka kwinjira ku bushake mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe ni bimwe n'ibiteganijwe mu ngingo ya 5 y'iri teka.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Igena ry'ishingiro ry'umusanzu**

Usaba kwinjira ku bushake mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe ni we ubwe ugena kandi akamenyesha Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize,

The application for registration is made by filling out the form prescribed by the Social Security Administration.

The Social Security Administration, after considering the application for registration with the mandatory pension scheme, informs the applicant of its decision within seven (7) working days from the day of receipt of the application. In case the applicant is not granted membership, grounds of denial must be clearly communicated to her/him.

If the applicant for registration with the mandatory pension scheme fulfils the requirements, he/she is granted a registration number and notified thereof by the Social Security Administration. However, a member who was already registered maintains his/her registration number.

**<u>Article 7</u>: Application by a foreign resident**

Conditions for application for voluntary membership to mandatory pension scheme mentioned in Article 5 of this Order apply to a foreign resident as well.

**<u>Article 8</u>: Determination of the base of the contribution**

Any person who applies for voluntary membership to mandatory pension scheme solely determines and communicates to the Social

La demande d'enregistrement au régime de pension obligatoire est faite en remplissant le formulaire prescrit par l'Administration de la Sécurité Sociale.

Après examen de la demande d'enregistrement au régime de pension obligatoire, l'Administration de la Sécurité Sociale informe le demandeur de sa décision endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande. Dans le cas où l'affiliation n'est pas accordée, les raisons du refus doivent être clairement communiquées au demandeur.

Si le demandeur d'enregistrement au régime de pension obligatoire remplit les conditions requises, un numéro d'affiliation lui est délivré et communiqué par l'Administration de la Sécurité Sociale. Cependant, le demandeur ayant déjà un numéro d'affiliation conserve le même numéro.

**<u>Article 7</u>: Demande d'une personne résidant à l'étranger**

Les conditions de demande d'affiliation volontaire au régime de pension obligatoire d'une personne résidant à l'étranger sont les mêmes que celles prévues à l'article 5 du présent arrêté.

**<u>Article 8</u>: Détermination de l'assiette de cotisation**

Le demandeur d'une affiliation volontaire au régime de pension obligatoire détermine lui-même et fait connaître à l'Administration de la Sécurité

umushahara w'ukwezi ushingirwaho mu kubara umusanzu.

Ishingiro ry'umusanzu rigomba kujyana n'ibipimo byateganyijwe n'itegeko.

Amafaranga y'imisanzu yishyuwe n'uwinjiye ku bushake mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe hakoreshejwe ifaranga ry'amahanga avunjwa mu mafaranga y'u Rwanda hakurikijwe ivunjisha ry'umunsi rishyirwaho na Banki Nkuru y'u Rwanda kandi ikiguzi cyo kuyohereza kikishyurwa n'uwayohereje.

**Ingingo ya 9: Imenyekanisha n'iyishyurwa ry'imisanzu**

Uwiteganyiriza amenyekanisha akanishyura ku bushake imisanzu mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe buri kwezi bitarenze itariki 15 z'ukwezi gukurikira ukwezi kwishyurirwa imisanzu.

Ubuyobozi bw'ubwiteganyirize ntibwakira imisanzu itishyuwe ku gihe cyateganyijwe, keretse mu gihe hagaragajwe impamvu zumvikana zidaturutse ku witeganyiriza.

**Ingingo ya 10: Ukurangira ko kuba uwiteganyirije ku bushake**

Kuba mu biteganyirije ku bushake birangira iyo uwiteganyirije:

Security Administration the monthly remuneration which will serve as the basis for computing contributions.

The base of contribution must be within the limits fixed by the law.

Contributions paid by a person who voluntarily joins a mandatory pension scheme are converted in local currency basing on the prevailing exchange rate fixed by the National Bank of Rwanda and the contributor bears the transfer charges.

**Article 9: Declaration and payment of contributions**

The affiliate individually declares and pays contributions of voluntary insurance under mandatory pension scheme on a monthly basis not later than the 15th day of the month following the month for which the contributions are due.

The Social Security Administration rejects any contributions not paid in prescribed time except under circumstances duly justified and beyond control of the affiliate.

**Article 10: Termination of voluntary membership**

Membership to voluntary pension scheme is terminated if an affiliate:

Sociale sa rémunération mensuelle qui sert de base au calcul des cotisations.

La base de calcul des cotisations doit être comprise dans les limites fixées par la loi.

Les cotisations payées en monnaie étrangère par un affilié volontaire au régime de pension obligatoire sont converties en monnaie locale au taux de change en vigueur à la Banque Nationale du Rwanda et les frais de transfert sont prises en charge par le membre cotisant.

**Article 9: Déclaration et paiement des Cotisations**

L'affilié déclare et paie les cotisations d'assurance volontaire au régime obligatoire mensuellement au plus tard le 15ème jour du mois suivant le mois pour lequel les cotisations sont dues.

L'Administration de la Sécurité Sociale ne peut recevoir les cotisations non payés dans le délai prévu sauf dans des circonstances dûment justifiées indépendantes de la volonté de l'affilié.

**Article 10: Cessation d'affiliation à l'assurance volontaire**

L'adhésion au régime de pension volontaire prend fin lorsque l'affilié:

1° abisabye;

2° yinjiye mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe;

3° asabye ibigenerwa abiteganyirije.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 11: Imicungire y'imisanzu**

Imisanzu itangwa ku bushake n'imisanzu itangwa mu bwiteganyirize bwa pansiyo butegetswe icungwa hamwe kandi mu buryo bumwe.

**Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho**.**

**Ingingo ya 13: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda

Kigali, ku wa **19/04/2016**

1° requests so;

2° joins mandatory pension scheme;

3° applies for pension benefits.

**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 11: Contributions management**

Voluntary contributions and mandatory pension scheme contributions are managed together and in the same manner.

**Article 12: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 13: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **19/04/2016**

1° le demande;

2° joint le régime de pension obligatoire;

3° fait la demande des prestations de pension.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 11: Gestion des cotisations**

Les cotisations volontaires et les cotisations au régime de pension obligatoire sont gérées ensemble et de la même manière.

**Article 12: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 13: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **19/04/2016** .

**(sé)**
**GATETE Claver**
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

**(sé)**
**GATETE Claver**
Minister of Finance and Economic Planning

**(sé)**
**GATETE Claver**
Ministre des Finances et de la Planification Economique

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice / Attorney General

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

**Ikiza ry'Urubanza RC 0255/06/TB/Gash/ RC 0215/05/TD/Bdh**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA GASHALI RURI I GASHALI, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, MU RWEGO RWA MBERE RUHAKIRIJE URUBANZA NONE KUWA 27/02/007 MU RUHAME RWA BENSHI.**

**HABURANA**

**UREGA:** Mukanyangezi Cathéline, mwene Mutayomba na Nyirambuguje, utuye mu Kagali ka Birambo, Umurenge wa Gashali , Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba.

**UREGWA:** ------------------------

**IKIREGERWA:** Ndasaba urukiko kwemeza ko umugabo wanjye SEBITABI Alphonse Marie yazimiye no gucunga umutungo.

**URUKIKO**

**RUMAZE** kubona ko Mukanyangezi yagejeje ikirego cye mu Rukiko rwari urw'Akarere ka Budaha kuwa 04/10/2005 kikandikwa mu gitabo cy'ibirego by'imbonezamubano kuri RC 0215/05/Td/Bdh nyuma y'ijonjora ry' imanza hakurikijwe urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha, kikohererezwa mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gashali kigahabwa n° nshya iri hejuru.

**RUMAZE** kubona Iteka rya Perezida ryo kuwa 31/05/2006 rishyiraho itariki yo kuburana yo kuwa 12/07/2006 saa mbiri za mugitondo,uyu munsi ugeze ntiyaburana kuko ikirego nk'iki kiburanishwa hashize umwaka gitanzwe, amenyeshwa kuzagaruka kuwa 07/11/2006 nabwo ntirwaburanishwa kubera ko atari yazanye inyandiko yo mu buyobozi bw'ibanze igaragaza igihe Sebitabi Alphonse Marie yaburiye (bamuherukira) rwimurirwa kuwa 18/01/2007 kugira ngo azazane ibyangombwa birimo n' icyemezo cy'aho Sebitabi Alphonse Marie yakoreraga mu Nteko Ishinga Amategeko y' u Rwanda ariko iyi tariki igera atarabibona, we n'umwunganira we, Me MUSABYEMARIYA Christine, basaba guhabwa indi tariki bahabwa kuwa 01/02/2007 ihurirana n'Umunsi Mukuru w'Intwari rwimurirwa kuwa 13/02/2007 aribwo urubanza rwaburanishijwe;

**RUMAZE** kumva Mukanyangezi asabwa gusobanura ikirego cye avuga ko asaba urukiko kwemeza ko umugabo we, SEBITABI Alphonse Marie, yazimiye bityo agahabwa icyemezo cy' urukiko kugira ngo abashe gucunga umutungo, Me Musabyemariya umwunganira na we yongeraho ko hababo icyemezo cy'ubuzimire no gutangaza ko SEBITABI Alphonse Marie yapfuye hagakurikiraho izungura, amenyeshwa ko ikirego bashyikirije urukiko ari icy'ubuzimire ko aricyo cyasuzumwa, abajijwe imitungo yifuza gucunga, Me Musabyemariya avuga ko hari imirima, amashyamba, amafaranga muri Banki, ayo mw'isanduku y ubwiteganyirize y' u Rwanda (Caisse

**Ikiza ry'Urubanza RC 0255/06/TB/Gash RC 02215/05/TD/Bdh**

Sociale du Rwanda) n' amazu abiri ahantu hanyuranye, abajijwe ko hari ikindi yongeraho ku rubanza, avuga ko yifuza ko rwacibwa vuba;

**RUMAZE** kubona ko MUKANYANGEZI Cathérine yatanze icyemezo cy' uko yavutse mu mwaka w'1947, SEBITABI akavuka mu w'1942 bagasezerana kuwa 07/09/1963 mu cyahoze ari Komini KIVUMU cyatangiwe mu Murenge wa Gashali kuwa 10/01/2007; Icyemezo cy'uko yakoze mu Nteko Ishinga Amategeko y' u Rwanda nk' umushingamategeko (Député) kuva mu mwaka wa 1982 kugeza 1994 nk'uko byemezwa na Attestation de services rendus, icy'uko Mukanyangezi ariho n'icyatanzwe n'ubuyobozi bw'Ibanze kugera ku Murenge wa Gashali cyemeza ko SEBITABI Alphonse Marie yabuze muri uwo Murenge guhera mu mwaka w'1994 kugeza kuwa 04/01/2007 bagisinyiyeho;

**RUMAZE** kubona ko nta kindi gisigaye gusuzumwa usibye kuruca, rwarihererey e ruruca mu buryo bukurikira:

**RUSANZE** ikirego cyatanzwe na Mukanyangezi gikwiye kwakirwa kigasuzumwa kuko cyakurikije amategeko kandi gifite ishingiro;

**RUSANZE** Uru Rubanza rwaraburanishirijwe igihe kuko ikirego cyatanzwe kuwa 04/10/2005 rukaba ruciwe hashize umwaka nk'uko biteganywa n'ingingo ya 40 yo mu Itegeko ryo kuwa 27 Ukwakira 1988 ryerekeye Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbonezamubano;

**RUSANZE** SEBITABI Alphonse Marie wabuze mu mwaka w'1994 yarazimiye bityo izimira rye rikaba rigomba gutangazwa nk'uko ingingo ya 40 yavuzwe muri Rusanze ya 2 ibiteganya kandi ibintu yasize igihe yaburaga bikaba byacungwa na Mukanyangezi bashakanye byemewe n'amategeko kandi akaba agishyigikiye ayo masezerano;

**<u>KUBERA IZO MPAMVU ZOSE;</u>**

**RUSHINGIYE** kw'Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu ngingo ya 16, iya 48, iya 140, iya 143, n'iya 151;

**RUSHINGIYE** kw'Itegeko Ngenga N°07/2004 ryo kuwa 25/04/2004 rigena Imiterere, Imikorere, n'Ububasha bw'Inkiko nk'uko ryavuguruwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko n°14/2006 ryo kuwa 22/03/2006 mu ngingo ya 2, 7, 66 al 3, 167, 168;

**RUSHINGIYE** kw'Itegeko n°18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetse nk'uko ryavuguruwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko n°09/2006 ryo kuwa 02/03/2006 mu ngingo za 7, 9, 23, 38, 40, 57, 60, 64, 65, 147,151, 352;

**Ikiza ry'Urubanza RC 0255/06/TB/Gash RC 02215/05/TD/Bdh**

**RUSHINGIYE** kw'Itegeko n°42/1988 ryo kuwa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya Mbere cy' Urwunge rw' Amategeko Mbonezamubano mu ngingo ya 38-40, 43;

**RWEMEYE** kwakira ikirego cyatanzwe na Mukanyangezi kuko cyakurikije amategeko kandi ko gifite ishingiro;

**RWEMEJE** ko SEBITABI Alphonse Marie wabuze mu Kagari ka Birambo, Umurenge wa Gashali , Akarere ka Karongi , Intara y'Iburengerazuba yazimiye, bityo umutungo yasize ukaba ucungwa n'umudamu we basezeranye ari we MUKANYANGEZI Cathérine kugeza igihe bazamenyera amakuru ye cyangwa se hakabaho imanza zemeza ko yapfuye;

**RUTEGETSE** ko SEBITABI Alphonse Marie wabuze mu mwaka w'1994 yazimiye;

**RUTEGETSE** Mukanyangezi gutanga amagarama angana na 1800 Frs yiyongera ku ngwate yatanze atayatanga agakurwa mu bye ku ngufu za Leta;

**NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMWE MU RUHAME NONE KUWA 13/10/2006 N'URUKIKO RW'IBANZE RWA GASHALI RURI I GASHALI RUGIZWE NA SEBAGABO Mbera Patrick PEREZIDA WARWO NA MUNYENTWARI Nicodème UMWANDITSI.**

| **PEREZIDA** | **UMWANDITSI** |
|---|---|
| SEBAGABO Mbera Patrick | MUNYENTWARI Nicodème |
| **(sé)** | **(sé)** |

**Copie certifiée conforme à l'original, délivrée le 26/11/2013,**

**(sé)**

**HAKIZIMANA Félix**